.H./NY.V./

Synthèse des souhaits exprimés par les Préfets à l'occasion de la Tournée Présidentielle (Août 1981)

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

| Préfecture | Souhaits en faveur de la Jeunesse |
|---|---|
| KIGALI | Pas de souhaits spécifiques pour la Jeunesse |
| GITARAMA | idem |
| BUTARE | L'Etat doit appuyer les groupements Socio-économiques des Jeunes existants dans cette Préfecture et leur fournir, si possible, du matériel nécessaire dans l'agriculture |
| GIKONGORO | - création des centres de commercialisation des produits des jeunes<br>- Recevoir du MIJEUNESPORTS, au moins une fois par semaine, une camionnette pour écouler les produits vers Kigali.<br>- Recevoir du MIJEUNESPORTS d'instructeurs connaissant à fond leur profession pour bien la communiquer aux jeunes<br>- Recevoir du MIJEUNESPORTS du matériel dont ont besoin les jeunes et leurs instructeurs pendant les leçons pratiques.<br>- Créer d'autres centres de Formation des jeunes dans cette Préfecture. |
| CYANGUGU | - Recevoir du MIJEUNESPORTS d'instructeurs pour les centres des Jeunes existants ("bazi neza akazi kabo")<br>- Créer d'autres centres de Formation des jeunes<br>- Recevoir du MIJEUNESPORTS du matériel dont ont besoin les jeunes et les instructeurs pour les leçons pratiques<br>- Guha priorité urubyiruko igihe batanga akazi muli za usines z'i Cyangugu. |
| KIBUYE | Pas de souhaits spécifiques pour la jeunesse, alors que KIBUYE n'a même pas un centre de Formation. |
| GISENYI | Pas de projets pour la jeunesse |
| RUHENGERI | Création d'autres centres de Formation des Jeunes celui qui est à KABONA n'est pas suffisant<br>- Suivre de près l'évolution du projet "complexe agro-pastoral de production et de formation proffessionnelle" et le projet "Construction des 7 centres préfectoraux pour la formation des jeunes coopérateurs" (Ntibazi aho zigeze)<br>- Le Mijeunesports devrait donner du matériel de Bureau aux encadreurs de la Jeunesse (ititangiliye itama) |
| BYUMBA | - Création d'autres centres de Formation des jeunes, celui existant à Kisaro n'est pas suffisant<br>- Aider les autorités communales à formuler les projets en faveur de la Jeunesse. |
| KIBUNGO | Pas de projets spécifiques pour la Jeunesse. |

UZABAKILIHO H.-

le 28.10.81

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B. P. 1044 KIGALI

Mme Hildegarde

Faire un tableau récapitulant les différents souhaits exprimés par les préfets.

[signature]

24/10/81

/J.K/

23 SEP. 1981

Kigali, le.......

N°.1300.../03.09.01/16

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE L'INTERIEUR

-----0-----

Monsieur le Ministre

MIJEUNESPORTS.......... (TOUS)

KIGALI

A traiter par ..................

Date entrée : 23 SEP. 1981

N° Classement : 3865/12.0801/04

DG (tous) Voir chacun en ce qui le concerne les souhaits exprimés par les préfets et en dresser la liste pour voir ceux qui on peut satisfaire dans l'immédiat.

28/9/81

Objet: Copies discours des Préfets.

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de vous transmettre copies des discours prononcés par les préfets à l'occasion des tournées que le Président de la République a effectuées dans toutes les Préfectures du Pays au courant du mois d'août 1981.

Je vous en souhaite bonne réception.

Le Ministre de l'Intérieur
HABANABAKIZE Thomas

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'INTERIEUR

Copie pour information à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
KIGALI

- Monsieur le Secrétaire Général du M.R.N.D.
KIGALI

- Monsieur le Directeur d'Etablissement Public
....................(TOUS)
KIGALI

REPUBLIKA Y'U RWANDA

PREFEGITURA GIKONGORO

-=-=-=-=-=-

DISKURU YA BWANA PREFE UMUNSI PREZIDA WA REPUBLIKA
AKURA PREFEGITURA YA GIKONGORO KUWA 28 KANAMA 1981

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

- Nyakubahwa Milita Prezida wa Repubulika,
  Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri
  Iharanira Amajyambere y'u Rwanda;

- Milita Secrétaire Général wa Muvoma Revolisiyoneri
  Iharanira Amajyambere y'u Rwanda;

- Ba Milita mugize Komite-Nyobozi ya Muvoma
  Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda;

- Ba Milita Ministri;

- Ba Militante, ba Milita muteraniye hano;

Uyu munsi tariki ya 28 Kanama 1981, dufite amahirwe yo kwakira muri twe, Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda wasuye Prefegitura yacu, kugira ngo aganire na ba militante na ba Milita bayituye.
Nk'uko atahwemye kubitubwira, imibonano nk'iyi igomba kubaho kuko ari bwo buryo bugwiza umushyikirano hagati y'abayobozi n'abayoborwa, kugira ngo bashakire hamwe umuti w'ibibazo bimwe na bimwe Igihugu gihura nabyo mu nzira y'amajyambere kigamije.

Muri uyu mwanya mfashe ijambo, ba militante, ba milita, nshimishijwe no kumwifuliza mw'izina ryanyu mwese ukuza neza muri twe, no kugira ubushyitsi buhire mu gihe cyose ari bumarane natwe. Umutima wa kibyeyi umuranga, umutera guhora ashaka icyateza imbere abana be bose, ikaba ari nayo mpamvu mbasabye kumfasha kumushimira, tunamwifuliza amahoro no kuramba mu bo ashinzwe kuyobora.

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, iyi Prefegitura mwasuye uyu munsi ni yo muherererezi w'izindi kuko yashyizweho n'itegeko ryo kuwa 15 Mata 1963. Igizwe n'ibice byaturutse ku zahoze ali teritwari y'Astrida n'iya Nyanza. Yisanzuye ku buso bwa $km^2$ 2.190, ikagira Komini 13 zituwe n'abaturage 383.300 mu mpera z'umwaka w'1980, batunzwe ahanini n'ubuhinzi nk'uko bimeze mu zindi Prefegitura z'Igihugu.

Iyo umuntu yitegereje imiterere y'ubutaka n'imyaka ibuhingwamo, asanga iyo Prefegitura yayigabanyamo ibice bitatu:
- Igice cy'iburengera-zuba (kigizwe ahanini n'ishyamba kimeza), cyeza imyaka ikunda kuboneka mu misozi miremire, nk'ingano, ibirayi n'amashaza;

.../...

- guhinga icyayi muri za komini Kivu - Nshili no kuhubaka uruganda rwo kugitunganya nya;
- guhinga icyayi mu karere ka za Komini Muko - Musebeya;
- guteza imbere ubuhinzi bw'ibirayi;
- kwongera abakozi n'ibya ngombwa bituma amatungo amererwa neza kuko kugeza ubu za Suprefegitura uko ari ebyiri zasigaye inyuma cyane;
- guteza imbere ubworozi bw'ingurube.

Mu byerekeye inganda n'ubukorikoli, twabonye ko Leta yakoze uko ishoboye iduha inganda zitunganya ibyayi, kandi hanateganijwe urundi rwo gusya ingano igihe umusaruro uzaba umaze gutubuka. Icyo twasaba muri urwo rwego, ni uko Leta yareba uburyo yashyiraho ahantu ho kugurirwa no kugurishirizwa ibintu by'ubukorikori, kuko iyi Prefegitura ifite abanyabukorikori benshi, aliko ugasanga bagomba kubungana hirya no hino ibintu byabo, bashaka aho babigurishiriza.

Mu gice kigamije kwegereza abaturage iby'ingenzi bakunda gukenera mu mibereho n'ubukungu byabo (services sociaux et économiques), twavuga ko Gikongoro igikeneye byinshi: "centres" z'ubucuruzi ziracyari nke kandi n'iziliho ntizikomeye, nta shami ry'imwe mu mabanki akomeye mu gihugu ryari ryashingwa muri Gikongoro, nta garaji iharangwa, ntaho ugendesha imodoka ashobora kubona lisansi. Cyakora muri iyi minsi "PETRO-RWANDA" yatangiye gutegura aho yajya itangirwa, ikaba ari nayo mpamvu dusaba ko icyo gikorwa cyakwihutishwa kandi hakigwa uburyo cyakuzurishwa igaraji ya Leta, kuko abikorera ku giti cyabo kugeza ubu banze kwitabira uwo mushinga.
Birababaje kubona umurwa mukuru wa Prefegitura utagira ahantu na hatoya umugenzi yashobora gucumbika no kubona icyo yirengeza. Niyo mpamvu dusaba dukomeje ko Leta yakwita ku mushinga wo kwubaka ihoteli iringaniye, wigeze guteganywa n'umugambi wa kabiri wo gutsura amajyambere aliko ugahera mu mpapuro.

Ibibazo by'ubuvuzi nabyo, biri mu bibangamiye ku buryo buremereye imibereho y'abaturage b'iyi Prefegitura. Gikongoro ifite kugeza ubu ibitaro bimwe gusa ku Kigeme, "centres de santé"9, na "dispensaires" 6; ayo mavuliro akaba akorwamo n'abavuzi 92, barimo abaganga batatu bakora muli biliya bitaro byonyine dufite.
Mu makomini 10 y'Igihugu atagira ivuliro na lito (dispensaire), Gikongoro ibabajwe no kubona ubwayo yihaliyemo ane. Iyo tugereranije uliya mubare w'abakozi bashinzwe ubuvuzi, n'umubare w'abaturage bagomba kwitabwaho, usanga umwe muri abo bakozi agomba kwita ku buzima bw'abantu 4.170, naho umuganga umwe mu batatu dufite, ashinzwe ubuzima bw'abaturage hafi 128.000.

Kubera izo mpamvu zose, twasanze byihutirwa ko Leta yakwita ku bikulikira:
- kwubaka ibitaro bibiri, bimwe muri Suprefegitura ya Buyenzi, ibindi mu ya Bunyambiliri;
- kwubaka za "centres de santé" muri aliya makomini ane atagira ivuliro na lito ariyo: Kinyamakara; Musebeya; Musange na Karama;
- gutera inkunga mu bikoresho no mu bakozi, ibitaro byo ku Kigeme;
- gushyira "centre de santé" mu murwa mukuru wa Prefegitura kugira ngo yunganire ibyo bitaro mu ndwara zorohe je.

.../...

rwamo n'abana barangije umwaka wa 8, badashoboye gukulikira inyigisho z'amashuri yisumbuye. Kugeza ubu, umubare w'ibigo byuzuye ntushobora gutuma programu yari iteganijwe igerwaho.

Kubera ibyo byose, twasanze Leta yari ikwiye kwiga uburyo yatubonera amashuri akurikira: ishuri ry'ubumenyi, ishuri ry'ubuhinzi n'ubworozi, n'ishuri ry'ubuvuzi; ikanakora uko ishoboye kugira ngo biliya bigo bigamije amajyambere y'imyuga mu cyaro biboneke ku buryo buhagije kandi mu gihe kiri hafi, kuko kuba bitariho kandi byari biteganijwe, bituma abaturage bagira impungenge y'aho bazerekeza abana batashoboye kujya mu mashuri yisumbuye. Tuboneyeho gusaba ababishinzwe ko bageragageza kwihutisha dosiye yo kwubaka ishuri rikuru mu bya tekiniki. Abakoreyea bemeye kudutera inkunga.

Kutagira imihanda itunganye kandi ishobora kugendwa mu bihe byose by'umwaka, ni imwe mu ngorane zidindiza amajyambere y'iyi Prefegitura. Usibye umuhanda Butare-Cyangugu unyura hafi y'umurwa mukuru wa Prefegitura, nta wundi muhanda wa Leta uhuza iyo Prefegitura n'izindi. Mbese ku buryo bwa rusange, twavuga ko imihanda myinshi ya Gikongoro ikwiye gutunganywa: ni ukuvuga kwagurwa, igahabwa amateme akomeye aho ari ngombwa, ahanyerera cyane hagashyirwa umucanga kuko Gikongoro igizwe ahanini n'imisozi miremire. N'ubwo tumaze kuvuga ko ku buryo bwa rusange imihanda yose yakwitabwaho, turasanga ihuza umurwa mukuru wa Prefegitura n'iya za Suprefegitura ikwiye kwihutirwa kurusha iyindi, kimwe n'uko tubona hashyirwaho umuhanda uhuza akarere ka Nshili na Bweyeye ho muri Cyangugu, unyuze mw'ishyamba-kimeza. Ntitwakwibagirwa gusaba ababishinzwe ko bakwihutisha mu buryo bashoboye dosiye yo gushyira kabulimbo mu muhanda Butare-Cyangugu.

Mu bikenewe kugira ngo amajyambere arusheho kwiyongera, ntitwakwibagirwa akamaro k'amashanyarazi. Muri urwo rwego, turashimira Leta kuba yaratugejejeho amashanyarazi ya Mururu-Ntaruka, acanira umujyi wa Gikongoro, no kuba yarafatanyije n'abagiraneza kubaka urugomero ku mugezi Nshili, ruzatanga amashanyarazi yo kumurikira ibigo by'i Runyombyi, byashoboka ayo mashanyarazi akagera muli "centre" y'ubucuruzi i Nkanda.

Nyamara aliko kubera ingorane zikiliho muli icyo gice cy'amajyambere, turifuza ko Leta yadutera inkunga mu bikurikira:

- kwihutisha umushinga w'amashanyarazi Gikongoro-Mata kugira ngo uruganda rw'icyayi rushobore gukora ku buryo bworoshye; na Gikongoro-Kitabi kugira ngo uruganda rw'icyayi rwo ku Kitabi rworoherwe, kandi n'ibitaro byo ku Kigeme biboneraho. Kugeza ubu icyuma gisuzuma abarwayi cyatanzwe na Nyakubahwa Prezida wa Republika ubwo yadukinguliraga ibyo bitaro mu wa 80, ntigishobora gukoreshwa kubera ingufu nke moteri ihasanzwe ifite. Iyo moteri kandi ikunda gupfa, igihe bibaye ngombwa kubaga umurwayi hagakoreshwa amatara ya petroli!

- kujyana amashanyarazi i Murambi, ahazubakwa ishuri likuru mu bya tekiniki twavuze mu mwanya;

- gushaka uburyo amashanyarazi yazava i Mata akagera kuri Suprefegitura Buyenzi,

Kubera izo mpamvu zose tumaze kuvuga, twasanze ari ngombwa gusaba Leta ko yadutera inkunga muri ibi bikurikira:

- kubaka ibiro bya Prefegitura bishobora gukorerwamo imilimo yose ya Leta iri muri Prefegitura, aliko Parike ikorera ubu mu nzu ikodeshwa na Leta kandi idatunganiye akazi ikagenerwa inzu yihaliye, kimwe na "service" ishinzwe ibyo gutumanaho, kuko biruhije kuyibangikanya n'izindi bitewe n'imiterere yayo;
- kwihutisha iyubaka ry'amazu ane y'amacumbi twemerewe kuri bije y'uyu mwaka, ku buryo umwaka utaha twateganyilizwa andi mu gihe bishobotse;
- gushaka uburyo hakubakwa kuri bije ya Leta amacumbi aringaniye y'abakozi, kuko tubona abikorera ku giti cyabo bashidikanya gushora imali yabo mu mushinga nk'uwo;
- kwihutisha dosiye yerekeye plan y'umujyi wa Gikongoro, kugira ngo uwaba ashaka kubaka yerekwe ahakwiranye n'inyubako yifuza.

Mu bibazo bitubangamiye cyane kandi bifitanye isano n'umurwa mukuru wa Prefegitura, sinaceceka ingorane duterwa no kutagira ikibuga k'imikino n'ibijyana nacyo. Ibyo bituma iyo dufite ibiroli tugomba kwirwanaho ku buryo bwose, aliko imbogamizi zikanga zikaboneka. Tukaba dusabye Leta rero ko yakora uko ishoboye, ikatwigira uburyo icyo kibuga cyaboneka kandi kigakorwa ku buryo cyashobora no gukinirwaho umupira. Cyakora sinahisha ko amafaranga ataba make bitewe n'imiterere y'imisozi y'aka karere.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, muri Prefegitura nk'iyi ikiri inyuma mu nzego nyinshi z'amajyambere, byaba ari nko kwirengagiza ukuri, mvuze ko ibibazo mbagejejeho muri iyi diskuru ari byo byonyine bibangamiye Gikongoro. Kubera ko ibibazo byose bidashobora kubonerwa umuti icyalimwe, nahisemo kubagezaho ibyo mbona byihutirwa kurusha ibindi. Nkaba nsabye abashinzwe gutegura umugambi wo gutsura amajyambere mu myaka itanu iri imbere, ko basuzuma bitonze inyandiko twabagejejeho, kuko ari yo bazasangamo ibyifuzo byacu ku buryo burambuye.

- Harakabaho Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda;
- Ubumwe, amahoro, nibisugire bisagambe, maze bizatugeze ku majyambere duharanira.

Gikongoro, kuwa 28 Kanama 1981.

/M.V./NY.V./

IJAMBO PREFE WA PREFECTURE KU MUNSI PRESIDENT WA REPUBLIKA ASURA PREFECTURE YA BUTARE KUWA 27 KANAMA 1981

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

PREFE wa BUTARE mubyo yavuze bireba urubyiruko ni ibi :

- yasabye Leta gukomeza gushyigikira imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi, kuko bigenze bityo ikibazo cy'urubyiruko rutabashije kujya mu mashuli n'icy'ibilibwa cyahita kibonerwa umuti.

Le 15/10/1981

MUKAMUGEMA Virginie.-

REPUBLIQUE RWANDAISE

PREFECTURE DE BUTARE

IJAMBO RYA PREFE WA PREFEGITURA KU MUNSI PRESIDENT WA REPUBLIKA ASURA PREFEGITURA YA BUTARE KUWA 27 KANAMA 1981.

Nyakubahwa Presida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda;

Banyakubahwa bagize Komite Nyobozi,

Banyakubahwa ba Ministri,

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Ba Militantes, ba Militants ba Prefegitura ya Butare,

Mw'izina ly'abamilitante n'abamilita bose ba Prefegitura ya Butare, no mw'izina lyanjye bwite, mbanje gushimira byimazeyo Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D., kuba yaje uyu munsi kubonana natwe, yubahiliza ya ntego adahwema kutwibutsa no kuduhamo urugero, y'uko abategetsi bo munzego zose bagomba guhura kenshi n'abo bayobora, kugira ngo bungurane ibitekerezo kandi bigire hamwe ibibazo byatuma bagera ku majyambere. Nkaba rero nshimishijwe no kubaramutsa, Nyakubahwa Prezida wa Republika, kandi ngasaba aba ba militantes n'abamilita bose bateraniye hano, kongera kumfasha kubereka ibyishimo n'urukundo tubafitiye. Tubashimiye, Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, ko mwiyiziye ubwanyu kumva ibibazo, Prefegitura ifite no kumenya imwe mu mishinga yihutirwa twifuza ko yagerwaho vuba, mbese tukaboneraho no kubabwira bimwe mubyo Prefegitura yagiye igeraho yubahiliza amatwara ya Republika ya kabili n'aya Muvoma.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, murabizi, sinilirwa mbitindaho, Prefegitura ya Butare ni imwe mu ma Prefegitura y'Igihugu ituwe cyane. Mw'ibarura lyabaye mu kwezi kwa munani muli 1978, Prefegitura ya Butare yali ifite abaturage 601.165 ku buso bwa Km$^2$ 1.873. Uwo mubare waliyongereye ntawabishidikanya, kuko mu mpera z'umwaka ushize, twali dufite abaturage 635.369. Abafite imbaraga zo gukora bali hagati y'imyaka 16 na 55 bageze ku 322.239. Dukulikije umubare wa mbere watanzwe n'ibarura rusange, kuli Km$^2$1 hatuye abantu 324, aliko hali aho bageza cyangwa barenga 1.000 cyane cyane mu birometero 10 bikikije umujyi wa Butare.

Ni ukuvuga ko ubwiyongere bw'abaturage kuli Km$^2$ ali ikibazo giteye inkeke, cyane cyane ku baturage batunzwe no guhinga, kuko iyo turebye dusanga uwo mubare uko ugenda wiyongera waba impamvu yo gusubiza amajyambere inyuma aho kuyateza imbere. Kubera iyo mpamvu, ntaho guhinga hashya hagishobora kuboneka, uretse mu mibande, nayo mike. Nta n'imilimo ihagije ili muli iyi Prefegitura, kugira ngo abagifite imbaraga babone icyo bakora.

.../...

Mu makomini amwe n'amwe amazu ya Leta arangilika, akabura uyitaho, ugasanga ali igihombo, (nk'i Nyabisindu). Ikindi kandi hakwiliye kubaho itegeko livangura amazu amwe, ahulirwamo na Komini na Leta, nk'inkiko za Canton na dispensaires, kuko kenshi usanga bayomeka kuli Komini, ngo niyasane kandi amafaranga avamo atwarwa na Leta. Ikindi kandi, ku mashuli ali mu mbago z'amaparuwasi, hakwiliye kumenyekana uruhare rwa Leta n'urwa Paroisse kugira ngo hagire uyitaho, ndavuga nk'igihe agomba gusanwa.

Ibibazo by'amakomini ni byinshi, aliko hali ibyo Komini Huye, Nyabisindu na Mugusa zihaliye.

Ku byerekeye Komini HUYE

Iyo Komini irakennye cyane kubera umutungo muke, nta soko igira, ni ntoya, nta mishinga ishobora gutangira yayigilira akamaro. Abakozi bayo bamaze amezi menshi badahembwa. Imipaka yayo iteye nabi. Ishyamba lili ku musozi wa Huye lyashobora kuyigirira akamaro Leta iliyeguliye. Amazi n'amatara binyura muli iyo Komini, kugeza ubu nta kamaro byali byayigilira. Abagize Komite ya Prefegitura basabye ko Komini Huye ikwiye kwitabwaho cyane, igafashwa kugira ngo ishobore kumenyekana no kubonerwa umuti, Leta ikamenya imibereho yayo ku bulyo bugaragara, hakwiliye kubaho commission y'abantu basuzuma ibibazo byayo.

Ku byerekeye Komini NYABISINDU

Umujyi wa Nyabisindu uli mu makomini abili ali muli Prefegitura ebyili (Nyabisindu muli Butare na Kigoma muli Gitarama). Icyo kibazo kibangamiye ubutegetsi bwa Komini Nyabisindu mu byerekeye cyane cyane gukulikirana ku bulyo bwihutirwa abagizi ba nabi, alaa-reshwa, kumenya abakora umuganda, gukora imihanda mu mujyi (voirie urbaine) n'ibindi bibazo bireba umujyi. Byaba byiza rero, umujyi wose wa Nyabisindu uherereye muli Komini imwe. Ikindi kandi, umujyi wa Nyabisindu nta plan ufite. Ubu abantu barubaka, mu gihe cyizaza, ibigo by'ubutegetsi, amazu y'ubucuruzi n'aya baturage ba nzwe, bizaba bibangikanye mu bulyo bw'akajagali, nyuma kwimura abantu bizazemo imvune. Kwihutira gukemura icyo kibazo ni ngombwa, kuko n'abahatuye kuva kera batagira n'ahandi bashobora kujya. Icyo kibazo Nyabisindu igisangiye n'abaturage kavukire ba secteur Ngoma hano i Butare.

Ku byerekeye Komini MUGUSA:

Nkulikije itegeko lyo kuwa 15 mata 1963, lyerekeye imiterere ya Republika y'u Rwanda, lyashyizeho imbibi za Komini, ubwo Mugusa icyo gihe yitwaga Komini CURUSI, bayungaho MUGOGWE, GAFUMBA na MUSHA yali kuli Komini MUYAGA.

.../...

Kubaka ku buryo bwa kijyambere ikibuga cy'indege biroroshye cyane muli iki gihe hakorwa umuhanda wa Kigali-Butare, ndetse hazakorwa umuhanda Butare-Cyangugu, kubona ibimashini bihakora ntibyagora hakozwe amasezerano vuba n'amasosiyeti azakora iyo mihanda. Kuvuga ko ikibuga cy'i Butare kidakenewe igihe imihanda izaba yatunganye ngira ngo byaba ali ukwirengagiza ikibazo nyakuli. Na none, kubyerekeye iyubakwa ry'umuhanda Kigali-Butare-Akanyaru, amakosa yagiye akorwa akwiye kuzakosorwa, kandi bakilinda ko yazaboneka no kuwa Cyangugu-Butare. Nk'ibisimu abakoze umuhanda Kigali-Butare bagiye basiga aho bacukuye ibitaka bikwiye gusibwa, cyangwa isuli yagiye yongerwa nayo ikwiye kurwanywa.

Tukaba twifuza ko imilimo itaha yatangilira i Butare kuko aliho hameze nabi, cyangwa bagatangilira mu mpande zombi nk'uko byali bitegeganijwe na mbere.

Iyo n'imwe mu mishinga yateganyijwe kuko ntashobora kuyirondora yose muli uyu mwanya. Aliko hali n'ibindi byifuzo abagize Komite ya Prefegitura bashaka ko Leta yakwitaho:

- Nko gukwirakwiza amashanyarazi mu mujyi wa Butare n'uwa Nyabisindu,
- Gushyira kabulimbo mu mihanda y'umujyi wa Butare
- Kurema umuhanda uhuza Prefegitura ya Butare na Kibungo uciye i Bugesera,
- Kubaka ishuli lyisumbuye ly'imyuga ku Mayaga (Komini NTYAZO , MUYIRA, MUGUSA, MUYAGA).
- Gutera amashyamba mu karere ka Mayaga,
- Kuvugurura ibitaro by'i Nyanza,
- Kwagura usine y'umuceli yo mu Cyili no gushyiraho indi i Kirarambogo,
- Guteza imbere Coopérative Configi ku buryo yava mu rwego rw'ubukolikoli ikajya mu rwego rw'uruganda rukora confiture (passage du stade artisanal au stade industriel),
- Guha Komini Mbazi na Komini Mugusa urukiko rwa Kanto kuko amazu yo gukoreramo ayo makomini ayafite,
- Gushyiraho S/brigade judicaire i Nyakizu n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo i Nyabisindu,
- Abayobozi b'ishuli lya CEFOTEC balifuza ko Leta yaha imfashanyo ilyo shuli likaba libre subsidiée kuko lifitiye abana akamaro kanini kandi abanyeshuli balisohotsemo bemewe mu milimo bakora ubu.
- Abagize Komite ya Prefegitura basanze umushinga wa Rwasave utihuta. Bababajwe n'uko igishanga cya Rwasave kidahingwa kandi Leta yaratanze amafranga mw'itunganywa ryacyo. Ingorane zaturutse mu bashinzwe kuyobora uwo mushinga batifashishije abayobozi ba Komini n'aba Prefegitura kuko twasanze abaturage bahawe za parcelle bamwe baranze kuzihinga kubera ko itegeko bashyizweho ryo guhinga imyaka badashaka. Abo bahaye uburenganzira bwo guhinga icyo bashatse barahinze kandi hali n'izindi parcelles zuzuyemo ibumba k'ubulyo ntagishobora kuhera. Nanone kandi ngo haba harabuze amafranga yo gukomeza gutunganya icyo gishanga.

.../...

/NG.L./NY.V./

Urugendo rwa Prezida wa Republika muli Prefegitura ya GISENYI.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

Mubyo Prefe wa Prefegitura ya GISENYI yasabye, ntabyo yigeze avuga ku rubyiruko uretse ko mubyifuzo bye n'imishinga yatangiye cyanga se ashaka ko Leta yabibafashamo, byazagirira akamaro Urubyiruko rukaboneraho akazi kandi bikarushaho gutera imbere.

NGORORABANGA L.

Le 19/10/1981.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GISENYI

- Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,
- Ba Militants mugize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.;
- Ba Bwana Ministri,
- Banyacyubahiro muteraniye hano,

Mw'izina ly'abaturage ba Prefegitura ya Gisenyi, twishimiye kubakirana ubwuzu n'ibyishimo mu murwa mukuru w'iyi Prefegitura. Turashima cyane imigambi myiza ikubiye muli programu mwagaragaje yo kugenderera za Prefegitura. Uretse ko byabaye kimwe mu byemezo bya Kongre y'Igihugu, ya gatatu isanzwe ya M.R.N.D. dusanzwe tuzi ko kuva aho Republika ya Kabili ishingiwe, Mutahwemye gusaba abategetsi b'inzego zose, gukorana umurava n'ubushobozi bashyikirana kenshi n'abo bayobora, mu bitangamo n'urugero. Iyo mibonano yabaye uburyo bwiza, bwo kumenya ibibazo ba militantes na ba militants bafite, no kugira ngo nabo bumve aho amajyambere y'igihugu cyacu ageze, n'ibibazo bigikomereye mu nzira y'amajyambere.

Ubwo buryo bunoze bwa"Démocratie-responsable" bwasobanuwe bihagije muli Manifeste ya Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, no muli za diskuru mwagiye mugeza ku Baturarwanda.

Nyakubahwa Prezida wa Republika,

Prefegitura ya Gisenyi mwagendereye uyu munsi, iherereye mu majyaruguru y'iburengera-zuba ya Republika y'u Rwanda. Mu burengera-zuba no mu majyaruguru, ihana imbibi na Republika ya Zaïre (Sous-Région du Nord Kivu); mu majyepfo ihana imbibi na Prefegitura ya Kibuye; mu majyepfo no mu majyaruguru y'iburasira-zuba ikagabana na Prefegitura ya Gitarama na Ruhengeri. Mu bunini bwayo, Prefegitura ya Gisenyi ifite ubuso bugera kuli $Km^2$ 2.145; ikagira S/Prefegitura imwe ya Kabaya na Komini 12. Mu mpera z'umwaka w'1980, Prefegitura yali ituwe n'abaturage 473.236; kuli $Km^2$ imwe hatuwe n'abaturage 221.

Tukimara kwumva inkuru nziza, ko muzatugenderera, twabimenyesheje ba Militantes na ba Militants b'iyi Prefegitura, mu nama nyinshi twagiranye nabo, barabyishimira kandi batugezaho ibibazo n'ibyifuzo byabo, badusaba kuzabibashyikiliza.

Nyakubahwa Prezida wa Republika,

Politiki y'Amahoro n'Ubumwe mwahaye igihugu yatumye abanya-Gisenyi tugera kuli byinshi mu bikorwa bya kijyambere, mpereye muli 1976 igihe muherukira gukora urugendo nk'uru iro aha, mu makomini yose ba Militantes na ba Militants bagize uko basho-

.../...

- Ibitaro byo ku Muhororo nabyo amazu yabyo ni mato kandi arashaje, akwiye gusanwa, akanongerwa.
- Umushinga w'ibitaro byo ku Kabaya ukwiye kuzuzwa, kandi n'ibitali byawuteganijwemo alibyo, ibyumba by'abarwayi byihaliye, ikigo cy'ishuli ly'ababyeyi n'amazu y'abaganga n'abafasha babo bikwiye guteganywa hakili kare, kandi bigakoranwa ubwira.
- Kubera ko aka karere gahora kugalijwe n'indwara z'ibyorezo, twifuzaga ko hashyirwaho ibiro mpuza-mahanga byo kugenzura, gukingira no kuvura izo ndwara.

4. Ku byerekeye amazu ya Leta:

- Amazu yo gucumbikira abakozi ba Leta arakenewe cyane;
- Hakenewe kandi amazu y'ubucamanza ku Gisenyi no ku Kabaya, urukiko rw'iremezo ubu rukorera mu ipfundanwe ry'inzu ishaje y'ibyumba bitatu, yali yagenewe guturwamo, n'ikibanza iyo nzu ilimo cyahawe Umushinga w'uburobyi bw'Isambaza. Parki irakorera mu nzu idashobotse, kandi Leta igomba kuzatangaho amafranga menshi y'ubukode. Urukiko rwo ku Kabaya rw'iremezo urugereko rwa Kabili inzu rukoreramo ni ntoya cyane ikwiye kwagurwa vuba.

5. Amashuli:

- Amazu y'amashuli yisumbuye, make twalidusanganywe akwiye kwongerwa kugira ngo ashobore kwakira abana bose nk'uko biteganijwe muli programu y'ivugururwa ry'amashuli yisumbuye. Tukaba tunifuza ko n'aya mashuli ateganijwe Leta yakora uko ishoboye igashaka uko yubakwa bitazaliriye:
- Ishuli ryo mu Rugerero (groupe scolaire) ibuye ry'ifatizo ryashyizweho muli 1977 n'ubu imyaka ishize ali 4 iryo shuli ntilirubakwa, byabujije n'umuturage wahahingaga gukomeza kwihingira imyaka ngandura-rugo;
- Hali ishuli ry'imyuga(Ecole technique) liteganijwe ku Muhororo ubwubatsi bwaryo bukwiye gutangirwa vuba.
- Ishuli ry'indera-barezi ry'i Rambura twifuza, likwiye kubakanwa ingoga;
- Ishuli ry'abaforomakazi Leta yali yateganije ku Kabaya, uwo mushinga Leta ikwiye kuwukomeza, ndetse byaba ngombwa ikazaryiyubakira ubwayo;
- Ubwo hali umuryango wemeye kuzubaka ishuli ry'abaforomo ku Gisenyi Ecole d'assistants médicaux) Leta ikwiye kubatera umwete likazubakwa vuba.

Mu kugenderana-guhahirana no gutumanaho:

Twagaragaje kenshi, ko ikibuga cy'indege cyo ku Gisenyi gikwiye gukorwa, byashoboka kikanongerwa, ubu gisigaye giteye impungenge ali abagenzi, ali n'amasosiyeti y'indege. Igiye cy'imvura haboneka ingorane nyinshi, ugasanga ntawutinyuka kuhazana indege ye, ubwo abagenzi bakajamalirwa. Leta rero turayisaba dukomeje kwongera kubyutsa uyu mushinga, agisi la zibera buli gihe kuli kiliya kibuga nazo zirababaje.
Agahanda kajya kuli icyo kibuga kanyura ku bitaro, imbere ya camp-militaire no muli centre commercial gakwiye kuzashyirwamo kabulimbo.
- Imihanda ya Leta inyura muli iyi Prefegitura ikwiye gushyirwamo imodoka za Leta zigenewe gutwara abagenzi, iyo ni umuhanda Gisenyi-Kayove-Kibuye, Mukamira-Kabaya-Ngogorero-Gatumba-Gitarama na Gatuma-Vunga-Ruhengeri.
Bishobotse kandi Leta ikazashaka uko iyo mihanda yashyirwamo kabulimbo.
- Hali n'umuhanda mpuza-mahanga Leta yalikwiye gushyiramuyo ikora, kuko kuwufata neza birenze ubushobozi bwa Komini, uwo ni umuhanda Gisenyi-Ryabizige-Kabuhanga-Mudende-Kabali.

.../...

milimo y'amaboko, y'ubukorikori cyane cyane ku urubyiruko. Niyo mpamvu, urwibutso twabageneye rw'uru ruzinduko rwanyu, ali kimwe mu bikorwa by'amaboko byakozwe n'abana b'Abanyarwanda biga mu ishuli ry'imyaga ryo ku Gisenyi.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Militants mugize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.,

Ba Bwana Ministri,

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Sinarangiza ntongeye kubashimira mu izina ry'abo mpagaraliye muli iyi Prefegitura, mwebwe n'abafasha banyu mwaje kudusura. Imibonano nk'iyi niyo izatuma imibereho y'umunyarwanda irushaho kujya mbere muli byose.

Harakabaho Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda na Prezida-Fondateri wayo,

Ba Militantes, Ba Militants mwese nimusugire musagambe, mu mahoro, mu bumwe, mu majyambere.

/U.O./NY.V./

Ijambo Prefe wa Prefegitura ya Cyangugu yavuze ubwo Prezida wa Republika yali yagendereye Cyangugu.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

Bwana Prefe wa Prefegitura ya Cyangugu yavuze gusa umubare w'urubyiruko rutashoboye gukulikira amashuli ali abana 27.872.

Propositions

- Muli prefegitura yose ya Cyangugu hali ibigo bine by'urubyiruko, none bongereye umubare w'ibyo bigo bakabaha n'ibikoresho bihagije kuko hali amasomo menshi batashobora kwigisha babuze ibikoresho, hanyuma bagashaka n'abalimu bashoboye bazi ubwenge na Komini ikabashyigikira byababatera umurava.

- Komini nama sociétés na Usines z'ibyayi zihali ibyo byose bishobora gufasha urubyiruko, baruha akazi no kurufasha gukora za coopératives na groupements sociaux-économiques ndetse no gucuruza imisoromo yarwo.

Le 19/10/1981

UMWALI Odette.- Umwali

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE CYANGUGU

IJAMBO PREFE WA PREFEGITURA YA CYANGUGU YAVUZE UBWO PREZIDA WA REPUBLIKA, PREZIDA-FONDATERI WA M.R.N.D. YARI YAGENDEREYE CYANGUGU KUWA 18/8/1981.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'Urwanda, Mubyeyi w'impuhwe, wiyemeje kubumbira abanyarwanda twese hamwe, abaturage bose ba Prefegitura ya Cyangugu, bakwakirije impundu zikwiriye Umubyeyi nkamwe. Urakaza neza, uje mu bana bawe, kuza kwawe kudususurukije twese.

Ngusabye kuza kuramutsa abana bawe, nabo bongere bakumpere amashyi n'impundu.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D., aho mumariye kwiyemeza kuyobora abanyarwanda, mwabatangarije ko Abayobora n'abayoborwa bajya bahura kenshi, iyo ntego ntabwo mwayitezutseho. Kuwa 6 Ugushyingo 1973 no kuwa 27/4/1976 mwagendereye abaturage b'iyi Prefegitura muganira na ba Militante na ba Milita, batabishisha. Ibyo bihe byombi bagiye babagezaho imishinga barangije n'ingorane bari bafite, zimwe zagiye zibonerwa ibisubizo, izitarabibona, tukaba twiringiye ko zizabibona vuba, kuko tuzi neza ko mwe n'ababafasha mukora uko mushoboye ngo imishinga yeguhera mu tubati; tukaba kandi tuzi ko ibyo mubikora mudakurikije akarere aka naka.

Imishinga y'itsura ry'amajyambere y'iyi Prefegitura irazwi, twayibagejejeho muri Kongre ya gatatu y'Igihugu, indi twayigaragarije Ministri ushinzwe Pla y'Igihugu kugirango izajye mu mishinga ya Pla ya gatatu y'Igihugu igamije gutsura amajyambere.

Ariko nubwo ibyo byakozwe, kubera ko hari hashize igihe nubwo ari gito bwose mudaherutse kuganira n'abaturage b'iyi Prefegitura, kandi hakaba hari bimwe byahindutse, nagirango mbabwire mu magambo make, ibyifuzo byihutirwa ba Militante na ba Milita ba Cyangugu bansabye kubagezaho.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'Urwanda, iyi Prefegitura ya Cyangugu, ifite ubuso bwa $Km^2$ 2.520. Muw' 1980 yali ituwe n'abaturage 340.868, ni ukuvuga 135 kuri $Km^2$ 1. Uburengerazuba bwayo hari ingezi ya Kivu itugabanya na Republika ya Zaïre, mu majy'epfo yayo hari Republika y'Uburundi, ibuvazuba hari Prefegitura ya Gikongoro, naho mu majyaruguru hari Prefegitura ya Kibuye.

.../...

- Mu mwaka ushize wo gufata neza ubutaka na n'ubu tukaba tugifite iyo ntego, Gouvernement yaduteye inkunga, ihemba abakozi bamwe. Tuzi ko kuruhande rwacu ba Militante na ba Milita twakoranye intege nke, aliko tubemereye ko tutazakomeza kuba ibigwari. Aha ntabwo ntanga raporo z'ibimeze gukorwa n'ibisigaye, kuko tuzi ko abagufasha bazaza kwirebera.
- Mu mazu y'ubutegetsi, hubatswe ibiro bya S/Prefegitura Cyesha n'amacumbi amwe y'abakozi.
- Hubatswe ibiro bya Komini ya Kamembe twatashye, n'ibya Gisuma na Gafunzo twiteguye gutaha vuba aha.
- Ba Militante na ba Milita ba Bukunzi-Busozo, bakaba bategereje S/Préfegiture basezeranijwe, izafata Komini Karengera, Nyakabuye na Bugarama.
- Kuli S/Prefegitura ya Cyesha huzuye urukiko (Deuxième chambre).
- Huzuye n'urukiko rwa Canton ya Bugarama, izo zombi twarazitashye, cyakora ntizikorerwamo kuko abakozi bazo batarashyirwaho.

Uretse ibyo ba Militante na ba Milita bakoze ubwabo, cyangwa bakoze bafatanije na Komini, ndagira ngo nanone mbashimire Nyakwubahwa Bwana Prezida, ko Gouvernement muyobora nayo hali ibyo yadufashije yihariye:

- Yagejeje amashanyarazi muli Centre ya Kamembe, mu mashuli ya Nyamasheke, Kibogora, Mibilizi no mu bitaro by'i Bushenge. Yagejeje kandi ayo mashanyarazi mu mashyuza aho bubaka Cimenterie bayavanye i Mururu.
- Gouvernement yafashije kandi abaturage kumva neza Radio, ishyiraho F.M. y'i Kinanira.
- Hali imishinga imwe itaruzura, cyakora dushimira cyane Leta kuko igihe izaba yuzuye izagirira abanya-Cyangugu akamaro ndetse n'Urwanda rwose. Icyambere ni iyubakwa ry'uruganda ruzakora Ciment rwo mu Bugarama, uwo mushinga ukaba ukorwamo n'abashinwa barenga ijana bafatanije n'abanyarwanda barenga maganatanu. Imilimo yawo ikaba yihuta ku buryo bushimishije.
- Na none mu ntego yo kubonera abaturarwanda ibyo kurya byiza kandi byinshi, turabashimira umushinga uyobowe n'Abakoreya wo mu Bugarama, utegura kugeza amazi mu kibaya cya Bugarama no kuhahinga umuceri. Uwo mushinga nawo urihuta.

Ngarutse gato kubyerekeye gukwiza amazi neza mu baturage, ndagira ngo mbamenyeshe ko abaturage b'ikirwa cya Nkombo batazibagirwa kimwe mu bikorwa by'ingenzi mwabakoreye cyo kuzabagezaho amazi meza, uko gushima bakaba bagufatanije n'abandi baturage ba Cyangugu bose. Cyakora bakaba bagifite utundi turere, utwo ni Bugarama na Nyamirundi, tukaba dusaba ko mu gihe bizaba bishobotse ko naho hashakirwa amazi.

.../...

Nk'uko mwabyiyemeje Nyakubahwa Bwari Prezida, hamwe na bagenzi bawe uwa Zaïre n'uw'u Burundi, ko abo muyobora bakwiye kubana bya kivandimwe, ndagirango ngushimire imbere ya mugenzi wanjye, Gouverneur wa Kivu, umubano utagira amakemwa dufitanye n'abaturage ba Kivu na Bubanza. Ibyo bigaragazwa n'uko bagenderana no gutumirana mu biroli n'imishyikirano nk'iyi.

Kubera ko duturanye n'ibindi bihugu, hali abanyamahanga benshi batuye mu Rwanda, abategetsi bali balibeshye babaha indangamuntu z'abanyarwanda, aho dutangiye inshya, ntibazihabwa, none barabaza ibibaranga bazahabwa; nicyo gituma dusaba kw'icyo kibazo cyakwigwa.

Ikindi kibo..gamiye abaturage ba Cyangugu cyane cyane abegereye inkombe za Kivu ni amabandi yitwaje imbunda atera mu baturage, agaturitsa imbunda agakanga abaturage, agasahura ibyabo. Amaze gutera i Nyamirundi, muli Komini Gafunzo, i Mwito muli Komini Gisuma no kw'i Shara muli Komini Kagano, kubera ko ali kure yacu, tubimenya dutinze; twajyayo tugasanga bagiye, kubera ko baba begereye amazi, iyo bamaze gukora ayo marorerwa bigira mu kivu. Kubera izo mpamvu, maze kubyumvikanaho n'abo dukorana, twahagaritse kugendesha amato mu Kivu hagati ya saa 12 za nimugoroba kugeza saa cumi n'ebyili za mugitondo, no gufunga utubare na restaurant guhera saa mbili z'ijoro, kugira ngo abagenda amarondo bashobore gukulikirana abagizi ba nabi.

Nyakwubahwa Prezida wa Repubulika, Prezida-Fondateur wa Muvoma Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'Urwanda, iby'ingenzi ba Militante na ba Milita ba Cyangugu bagezeho muli iyi myaka ine ishize ni ibyo. Nkaba nongeye kubizeza ko ba Militante na ba Milita ba Cyangugu badatezuka ku ntego y'amahoro n'ubumwe aliyo nkingi y'amajyambere mwatuzaniye. Ba Militante na ba Milita bishimiye cyane Muvoma Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'Urwanda, turayishyigikiye, bigaragazwa na Animation bakora, umuganda batanga no gukulikiza amabwiliza ya M.R.N.D. ikaba kandi izageza abanyarwanda twese ku majyambere kuko idatandukanya abana b'Urwanda twese.

Twese twiyemeje kugukurikira mu nzira y'amajyambere. Kubera ibyishimo byacu twese abanya-Cyangugu, bansabye kubagezaho impano y'urwibutso aliyo:

INTEBE: ikaba igaragaza ko bakwifurije kuramba mu butegetsi kugira ngo ukomeze utuyobore.

INKONGORO: bigasobanura ko bakwifurije guhorana amata.

UMUHETO; IMYAMBI N'INGABO: bakaba bakwifuliza guhashya abanzi nkuko wabatsinze. Bakaba bansabye kubamenyesha ko bazongera gushimishwa nuko muzagaruka kub..a.

- MUVOMA YACU,.. RAMBA
- PREZIDA HABYARIMANA, RAMBA
- BA MILITANTE NA BA MILITA BA CYANGUGU, TURAMBE,
- ABANYARWANDA TWESE TWIBUMBIYE MULI MUVOMA REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, TURAMBE.

/R.O./NY.V./

Direction Planification

Ijambo lya Prefe wa KIBUYE lyo kuwa 14 KANAMA 1981 mw'isura lya Prefegitura ya Kibuye na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika Prezida - Fondateri wa M R N D GENERAL - MAJOR HABYALIMANA Juvenal

Mw'ijambo lya Prefe wa Kibuye ntabwo yibanze ku kibazo cy'urubyiruko uretse ko mu mishinga yasabye halimo iyagilira urubyiruko akamaro muliki gihe cya vuba, hali n'indi yagilira urubyiruko akamaro mu gihe kili imbere.

Mu mishinga yagira akamaro mu gihe cya vuba hali :

- Umushinga wo guhinga Kawa ku Kibuye
- Umushinga wo guhinga icyayi mu GISOVU
- Amashanyarazi.

Guhinga Kawa ku Kibuye : uwo mushinga Kibuye iwufatanije na Cyangugu na Gisenyi, uzagilira akamaro urubyiruko rwa Kibuye kuko urubyiruko rwaho ruzaboneraho gutera Kawa nyinshi, n ndetse rugakora naza Coopératives z'ubuhinzi bwa Kawa.

Guhinga Icyayi mu Gisovu : uwo mushinga uzafasha urubyiruko rwo muli ako karere kuko ruzakora mu cyayi cya Leta, ndetse nabo bakiterera Icyayi cyabo bakakigulisha na Leta. (Thé villageois) Icyakora hakenewe Uruzine kuko icyeze kili gupfa ubusa.

Amashanyarazi : amashanyarazi arakenewe cyane muli Kibuye kuko mu mishinga ikenewe ubu yafasha urubyiruko, niyarufasha mu gihe kili imbere, bazakenera ingufu zuwo muliro; urugero: urwo ruganda rwa cyayi rwo mu GISOVU.

Mu mishinga ikenewe kandi yafasha urubyiruko mugihe kizaza halimo :

- Gutera amashamba muli Kibuye
- Ibihingwa ngandura rugo.

Gutera amashamba muli Kibuye : uwo mushinga waratangiye tuwufashwamo na Abasuisi kandi mu gihe kizaza ayo mashyamba ashyizwe mu gaciro yafasha urubyiruko rwinshi rwa Kibuye kuko bashobora kuyabazamo ibintù bikenewe cyangwa kuyasaturamo imbaho zo kubaka.

Ibihingwa ngandura rugo : Imisozi ya Kibuye ifite imbuto yihaliye (Amashaza Uburo .....) kandi iyo barwanya isuli muli iyo misozi bagenda bateramo ibyatsi (Sétaria) Prefe yasabye ko impuguke zibigenewe zabibafashamo bagahinga kijyambere, kandi ibyo byatsi kuruhande rumwe bikarwanya isuli, kurundi bikagabulirwa amatungo nayo yakororwa kijyambere.
Uwo mushinga nawo ndumva wafasha urubyiruko.

RUZAGILIZA Oscar
[signature]
le 12.10.1981

..../....

# Direction ~~et~~ Planification.

OK
15-10-81

Ijambo lya Prefe wa Kibuye lyo kuwa 14 Kanama 1981 mu isura lya Prefegitura ya Kibuye na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika Prezida-Fondateri wa MRND GENERAL-MAJOR HABYALIMANA JUVENAL

Mu ijambo lya Prefe wa Kibuye ndabwo yibanze ku kibazo cy'urubyiruko uretse ko mu mishinga yasabye hali imo iyagilira urubyiruko akamaro muli iki gihe cya vuba, hali iyindi yagilira urubyiruko akamaro mu gihe kili imbere.

Mu mishinga yagira akamaro mu gihe cya vuba hali:

- Umushinga wo guhinga kawa ku Kibuye
- Umushinga wo guhinga icyayi mu Gisovu.
- Amashanyarazi.

Guhinga kawa ku Kibuye: uwo mushinga Kibuye iwufatanije na Cyangugu na Gisenyi; ~~ukaba~~ uzagilira akamaro urubyiruko rwa Kibuye kuko urubyiruko rwaho ~~kuko~~ ruzaboneraho guteza Kawa nyinshi, ndetse ruzakora naza Coopératives z'ubuhinzi bwa Kawa.

Guhinga Icyayi mu Gisovu: uwo mushinga uzafasha urubyiruko rwo muli ako karere kuko ruzakora mu Cyayi cya Leta, ndetse nabo bakiterera icyayi cyabo bakakigulisha na Leta. (Thé villageois) Icyakora hakenewe Uruganda kuko icyeze kili gupfa ubusa.

Amashanyarazi: amashanyarazi arakenewe cyane muli Kibuye kuko mu mishinga ikenewe ubu yafasha urubyiruko, niyaruwfasha mu gihe kili imbere, bazakenera ingufu zuwo muliro; urugero: urwo ruganda rwa Cyayi rwo mu Gisovu.

Ku mishinga ikenewe kandi yafasha urubyiruko mugihe kizaza halimo:

- Gutera amashyamba muli Kibuye
- Ibihingwa ngandura rugo.

Gutera amashyamba muli Kibuye: uwo mushinga waratangiye kuwufashwamo na Abasuwisi kandi mugihe kizaza ayo mashyamba ashyizwe mu gaciro yafasha urubyiruko rwinshi rwa Kibuye kuko bashobora kuyabagamo ibintu bikenewe cyangwa kuyasaturamo ~~iri~~ imbaho zo kubaka.

Ibihingwa ngandura rugo: Imisozi ya Kibuye ifite imbuto yihaliye (Amashaga leburo..) kandi iyo barwanya isuli muli iyo misozi bagenda bateramo ibyatsi (setaria) Prefe yasabyeko impuguke zibigenewe zabibafashamo bagahinga kijyambere, kandi ibyo byatsi kuruhande rumwe bikarwanya isuli, kurundi bikagaburirwa amatungo nayo yakororwa kijyambere. Uwo mushinga nawo ndumva wafasha urubyiruko.

Ruzabiliza Oscar

le 12. 10. 1981

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B. P. 1044 KIGALI

Mr RUZAGILIZA Oscar

Vous référer à Mme KANDAMA pour prendre connaissance des instructions du Ministre et du D.G. Jeunesse et traiter le dossier

[signature]

5-10-81

IJAMBO LYA PREFE WA PREFEGITURA YA KIBUYE LYO KUWA 14 KANAMA 1981 MW'ISURA LYA PREFEGITURA NA NYAKUBAHWA PREZIDA WA REPUBLIKA, PREZIDA-FONDATERI WA M.R.N.D. GENERAL-MAJOR HABYARIMANA JUVENAL

---

- Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa MRND,
- Ba Nyakubahwa mugize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.,
- Ba Nyakubahwa ba Ministri,
- Ba Nyakubahwa muhagaraliye Ibihugu byanyu mu Rwanda,
- Banyacyubahiro muhagaraliye Imishinga y'Amajyambere muli Prefegitura ya Kibuye,
- Ba Militantes, ba Militants mutuye Prefegitura ya KIBUYE,

Kuli uyu munsi w'akatarabonek̲a twasuweho na Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D. Militant Général Major HABYARIMANA Juvénal, Prefegitura ya Kibuye yuzuye umunezero mwinshi wo kuba aliyo y'ibanze Umubyeyi wacu yahisemo gusura. Mbasabye kumumpera amashyi n'impundu.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D., Prefegitura ya KIBUYE mwasuye uyu munsi, ni imwe mu ma Prefegitura mato agize Republika y'u Rwanda. Ifite ubuso bwa $Km^2$ 1336, ikaba ituwe n'abaturage bagera kuli 337.000 dukulikije ibarura rusange ryo muli Kanama 1978. Ikaba ili nanone muli zimwe zifite abaturage benshi kuko Km2 imwe ituwe n'abantu bagera kuli 250.

Ikikijwe na Prefegitura GISENYI mu majyaruguru, GIKONGORO mu majyepfo, GITARAMA mu burasira-zuba na CYANGUGU mu burengera-zuba bw'epfo, ikaba ituliye kimwe na za Prefegitura GISENYI na CYANGUGU ikiyaga cya KIVU ali nacyo yaba itunzeho amaso mu mizero y'ubukungu bwayo.

Igizwe n'amakomini icyenda agabanijwe n'uruhererekane rw'imisozi ya Zaïre-Nil. Iburasira-zuba bw'urwo ruhererekane hali Komini Bwakira, Mwendo na Kivu, naho iburengera-zuba by'ibyo bisi hali Komini Rwamatamu, Gishyita, Gitesi, Gisovu na Rutsiro.

..../....

Igizwe n'uturere kamere dutatu:

- RUSENYI-ITABIRE ibumbye komini eshatu: Rwamatamu-Gishyita-Gisovu
- Budaha-Nyantango ibumbye Komini eshatu: Mwendo-Bwakira na Kivumu
- Bwishaza ibumbye Komini eshatu: Mabanza-Gitesi na Rutsiro.

Utwo turere twose rero tuli mu misozi miremire n'imihanda itujyamo ntishobokeye amajyambere yatwo.

Icyakora Nyakubahwa Prezida wa Republika, ba Militantes na ba Militant batuye utwo turere tugize Prefegitura ya Kibuye bahagurukiye kwirwanaho ngo bagere ku majyambere mwifuliza abanyarwanda bose.

Ku bihingwa ngandura-rugo bahinga ku misozi yabo, halimo: ibishyimbo, amashaza, uburo n'ibirayi twifuza ko byahingwa mu buryo bwa kijyambere.

Barwanya isuli babifashijwemo n'umushinga w'Ubuhinzi n'Umushinga Mbonera w'Amashyamba ku Kibuye. Ibiti ku misozi byatewe kuli Ha zirenga 3.000 naho ibyatsi birwanya isuli bikaba byaratewe kuli ha zirenga 1.500 ni ukuvuga aliko mu masegiteri yatoranijwe aho iyo mishinga ikorera. Umushinga Mbonera w'Amashyamba kandi ukaba ukomeza gutera buli mwaka nibura ha 1.000, ukaba ukora uko ushoboye ngo abaturage babone imbuto zihagije zo gutera.

Uyu mwaka w'1981, Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D., Mouvement itubumbiye hamwe twese, mwise uwo gushaka no gukwiza amazi menshi kandi meza mu byaro, aba militants na ba militantes ba Prefegitura ya KIBUYE, ntibipfumbase amaboko, ahubwo bahagurukiye kubahiliza icyifuzo cyanyu, amahirwe babifashijwemo n'umushinga w'ubuhinzi ku Kibuye ku buryo umaze kubafasha kubona amaliba 917 mu masegiteri 89, ubu bakaba bashigaje kwongeraho amaliba 360 mu masegiteri 12 asigaye.

Uretse uwo mushinga w'ubuhinzi ufasha abaturage kwibonera amazi menshi kandi asukuye, hali n'abagira-neza b'abaholandi bitaye gukwiza amazi cyane cyane mu baturage ba Komini Rwamatamu-Gisovu-Gishyita-Bwakira na Mwendo.

Ibyerekeye ivugururwa ry'amashuli: abaturage bafashijwe n'imfashanyo ya Leta bihatiye kuzuza ateliers scolaires. Ku mubare w'izateganijwe alizo 85, 78 zirakorerwamo imilimo zagenewe, 7 zisigaye mu ntangiliro y'umwaka w'amashuli 82-83 nazo zizaba zuzuye.

Za CERAI zubakwa hirya no hino mu makomini, izifashwa n'abagiraneza b'abanyamahanga, zimwe usanga imilimo yihuta kurusha izindi, naho izo Leta yishingiye imilimo ili mu ntango, n'ibikoresho cyane cyane ciment bitangiye kugera mu makomini.

Twabashimiye Nyakubahwa Prezida wa Republika, Umushinga wo gukwiza no kunonosora ihingwa ry'ikawa n'ibihingwa ngandura-rugo mu turere dukikije ikiyaga cya Kivu, tukaba twizeye ko uzahita ukora inshingano mwawuhaye ubwanyu muwutangiza ku mugaragaro kuwa 16 Nyakanga 1981. Bizatera abaturage b'ako karere gushishikalira guhinga kawa nyinshi.

Mu karere ka Rusenyi-Itabire ho muli Komini Gisovu hali umushinga wo guhinga icyayi. Icyo gikorwa cy'ingenzi Leta Muyobora yashyize muli ako karere twaracyishimiye cyane. Nyamara aliko Nyakubahwa Prezida wa Republika, ba militantes na ba Militants bo muli ako karere bababajwe nuko bagiye kuzajya basoromera icyo cyayi hasi kuko ubwanyu aho mwashyize ibuye rya mbere ryo kubaka uruzine rugenewe kugitunganya hameze ibyatsi. Nta n'ukuntu babona bagisembereza mu tundi turere dufite uruzine kuko nta muhanda washobokera imodoka zigitwara. Aho ni ukuvuga nk'umuhanda wakigeza ku Kitabi cyangwa se i Shagasha.

Ubwo mvuze iby'umuhanda Nyakubahwa Prezida wa Republika, reka mbonereho kubabwira ko atali aho honyine. Bimwe mu byifuzo twashyikilije Leta mw'iteganya ry'umugambi wa gatatu w'itsura ry'amajyambere y'igihugu, halimo imihanda ya kijyambere yaduhuza n'andi ma Prefegitura kugira ngo tuzabone uko tugenderana n'abandi n'uko duhaha igihe tutareza. Hali umuhanda wa Gitarama-Kibuye, Kibuye-Gisenyi, Kibuye-Cyangugu, Kibuye-Nyabisindu nibura umwe ukaba utunganye mu myaka itanu ili imbere.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, iby'imihanda ni ikibazo iyi Prefegitura yihaliye. Nko kubona itagira umuhanda n'umwe wayikura mu bwigunge, kimwe n'uwayihuza na Gikongoro nibura uyinyuramo hagati uva Gatumba-Kivumu-Bwakira-Mwendo ukagera mu Gisovu aho igabaniye na Gikongoro; bivuna ayo makomini yose.

..../....

Ntawarushya rero ataka iby'imigenderanire yacu n'andi ma Prefegitura kubera ko nta autobus dufite uretse iya Kigali-Gitarama-Kibuye nayo idahagije. Turamutse tubonye nibura iduhuza na Gisenyi, indi iduhuza na Cyangugu n'akandi gatoya kajya kadushyikiliza abavandimwe bacu b'i Nyabisindu, twaba duhumetse uretse ko ngo hali ibiraro bya hamwe byaba alibyo byazibujije kandi ibyinshi hashize igihe byuzuye, mbese ahubwo n'ibisigaye bakabyihutisha nubwo byaba ali bike bwose.

Uretse nanone ubwo bulyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka, nanone amizero iyi Prefegitura ifite ni ubulyo bwo kongererwa amato ahagije mu Kivu ndetse cyane tugasaba n'aho yajya akorerwa igihe agize ingorane. Bityo, ubwo bulyo bwombi bukuzuzanya ibihahwa binyuze mu Kivu bigakwirakwizwa mu turere twose; n'abavandimwe bacu ba Prefegitura ya Butare bakaba babonerahо inzira ngufi yabageza ku Gisenyi batagombye kunyura iy'uruboko ya Gitarama-Ruhengeri-Gisenyi cyanga se iya Gitarama-Kigali-Ruhengeri-Gisenyi.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, mu mabwiliza mudahwema kudushyikiliza, mutwibutsa ko abayobora bagomba guhura kenshi n'abayoborwa kugira ngo iyo mishyikirano ibahe uburyo bwo kwigira hamwe icya teza imbaga nyamwinshi imbere. Muli iyi Prefegitura n'ubwo igizwe n'amakomini make, hali ingorane ku butegetsi bwayo yo gushyikikira igihe bibaye ngombwa kandi kenshi abategetsi bayo n'abaturage kubera ko nta modoka zishoboye imihanda yo mu misozi miremire cyane cyane mu gihe cy'itumba.

Turashimira amatwara ya Leta ya Republika ya kabili yo gushaka uburyo ingorane zakworoha. Umushinga wo gukwirakwiza amatelefoni mu makomi, ndetse n'umuliro w'amashanyarazi, amamodoka yahawe amakomini n'ubwo kuyatunga no kuyishyura bigifite ingorane, twakwishimira ko ibyo byose byagerwaho muli iyi myaka itanu ili imbere nibura mu makomini atuye kure nka Rwamatamu, Gisovu, Mwendo, Kivumu na Rutsiro akaba aliyo yakwitabwaho mbere na mbere.

Na none kuli ibyo, byarushaho kworohera ubutegetsi bwa Prefegitura umugambi wo gukwiza za Suprefegitura aho zikenewe ugezweho vuba: Suprefegitura ya Nyantango yabumba Komini Bwakira-Mwendo na Kivumu. Suprefegitura ya Bwishaza yabumba Komini Gitesi-Mabanza na Rutsiro. Suprefegitura ya Rusenyi ikabumba Komini Gishyita-Gisovu na Rwamatamu.

..../...

Nyakubahwa Prezida wa Republika, ibyo dushimira Leta ya Republika ya Kabili ni byinshi aliko kandi ubukene bwa Prefegitura ya Kibuye nabwo bukaba bwinshi, ntabwo twaburondora muli uyu mwanya ngo tuburangize.

Tubashyikilije Nyakubahwa Prezida wa Republika ibyo tubona byakwitabwaho cyane cyane mu mugambi wa gatatu w'itsura ry'amajyambere.

Nyamara kandi, hali ibibazo bimwe bitafatwa nk'imishinga twakwifuza ko byarushaho gukemurwa mu nzira zihuse: nk'ikibazo cyo gusimbura igice cy'amazu yaguraniwe Banki y'Ubucuruzi (BCR) Agence yayo yo ku Kibuye ikoreramo kuva mu ntangiliro z'ukwa 6: aha tukaba twabashimira ko iyo Banki mwayitwemereye, ikaba idukorera neza tutavunitse, aliko ko amazu ikoreramo yali afitiye imilimo imwe ya Prefegitura akamaro none ikaba idafite aho ikorera: nk'ibiro bya Inspegiteri w'Imilimo, ibya Inspegiteri wa Mini n'ibya Inspegiteri wa za Koperative.

Ikindi kibazo ni icyerekeye Gereza ya Kibuye ibangamiye amacumbi y'abakozi mu buryo bw'isuku. Iyimurwa ryayo ryasabwe kera kandi kenshi bikaba bitaragerwaho nubwo kandi tutakwirengagiza ko ayo macumbi y'abakozi ali make kandi adafite urumuli rw'amashanyarazi. Byali ibyihutirwa kugira ngo barusheho kumererwa neza babone uko bashishikalira akazi kabo.

Nanone muli icyo kibazo cy'urumuli, byashimisha ibitaro bya Kibuye bishyizwemo urumuli vuba rw'amashyanyarazi kuko abarwayi alibo bakwiye kwitabwaho mbere na mbere kuruta abazima.

Iby'amashuli byo ntabwo twabitindaho cyane. Icyo twasaba Nyakubahwa Prezida wa Republika, n'uko iyi Prefegitura yagira nibura amashuli abili ateye atya kandi yiyongera kuyali asanzwe:

- Ishuli lyisumbuye lyahesha abalisohotsemo ubulyo bwo kujya mu mashuli makuru (Université) ya Formation Générale.
- Ishuli Technique mu karere ka Rusenyi-Itabire mu Gisovu ubu kigunze kuko kategeranye n'aho andi mashuli asusurukije.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, nongeye kubagaragariza ibyishimo n'umunezero ba Militantes na ba Militants ba Prefegitura ya Kibuye bafite, bongeye kubakira kuli uyu murwa wabo. Bakaba babashyikilije icyifuzo cyabo cy'uko Republika ya Kabili na M.R.N.D. byaramba, bigasugira bigasagamba, bigakomeza imizi ishyigikiye amahoro, ubumwe bizageza u Rwanda ku majyambere nyakuli ubwanyu Nyakubahwa mudahwema kwifuliza buli munyarwanda wese.

Ibyo byifuzo byacu, Nyakubahwa Prezida wa Republika, ndagira ngo muzabyibukire kuli iyi mpano twabateguliye kuli uyu munsi (un jeu de 11 lances ornées, un portrait d'un danseur Intore, un tambour orné, un tableau de vue aérienne du chef-lieu de la Préfecture de KIBUYE en peinture).

Harakabaho Republika ya Kabili na Prezida wayo, Militant Général-Major Juvénal HABYARIMANA hamwe na M.R.N.D. abereye Prezida Fondateri.

Amahoro, Ubumwe, Amajyambere nibirambe, bisugire, bisagambe.

-----------------

V/U.K./NY.V./

Ijambo lya Perefe wo mu Ruhengeli n'ilya Perefe w'i Byumba (21/08/81 et 20/08/81)

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

Abo ba Perefe bombi ntacyo bavuze ku byagezweho cyangwa ibyifuzo byerekeye urubyiruko rutize cyangwa rutashoboye gukomeza kwiga muli izo perefegitura. Nyamara aliko si ukuvuga ko bidahali, ko urubyiruko rutitaweho cyangwa ntacyo rumaze muli izo Perefegitura, kuko rapports annuels zibyerekana.

Propositions

- Muli buli perefegitura hali ikigo cy'urubyiruko kimwe Cyeru (Kabona)Ruhengeli Buyoga(Kisaro)Byumba. Ntibihagije kuli perefegitura nzima, ko hubakwa ibindi bigo nibura bibili ni ngombwa.

- Kimwe no mu zindi perefegitura, groupements socio économiques zikarushaho kwitabwaho, zigahabwa ibikoresho, ba responsables babishoboye, bahugutse, babitojwe.

- Imishinga myinshi ihateganijwe nayo ishoboye gufasha urubyiruko kubona akazi, gukora za coopératives no gucuruza imisaruro.

- Hali kandi projets ziteganijwe pour la décennie 1981-1990, zikwiliye kurushaho kwigwa no gukulikiranwa kugira ngo zizatangilire igihe cyaziteganilijwe.

- Paroisse, Mission n'abandi bagira neza bashoboye gufasha urubyiruko kugira za mouvements de Jeunesse Ministeri y'Urubyiruko nayo ikabibafashamo.

RUHENGELI

- Nk'uliya mushinga wa complexe agro-pastoral de production et de formation professionnelle de la Jeunesse à Kinigi et construction de 7 centres prefectoraux pour la formation des jeunes coopérateurs, ugakulikiranwa byitaweho.

- Matériel de bureau igatangwa batitangiye itama kuko ali ikibazo gihangayitse muli encadrement régional (voir rapport annuel 1980)

BYUMBA

- Coopérative de Tannerie de Kiziguro yadindijwe no kubura un encadrement technique, uwo nawe yali akwiliwe gushakwa byitaweho.

- Gufasha komini kuzamura urubyiruko kuko hali très peu de projets communaux réservés aux jeunes muli iyo préfecture (voir rapport annuel 1980)

N.B.

Abaherutse gukora enquêtes na statistiques, ndetse na bureaux encadrement et formation bashoboye kumenyesha uko urubyiruko ruteye cyangwa rwamera kundusha.

UKWIGIZE KAZAYIRWA Véronique

Le 09/10/81.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE RUHENGERI
-----ooo--------

ALLOCUTION DE MONSIEUR LE PREFET DE PREFECTURE A L'OCCASION DE LA VISITE DU CHEF DE L'ETAT EN PREFECTURE DE RUHENGERI EN DATE DU 21/8/1981.-

---

Nyakubahwa Prezida wa Republika, Président-Fondateur wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nyakubahwa Militant Secrétaire Général wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Ba Nyakubahwa Abagize Comite-Nyobozi ya M.R.N.D.

Ba Nyakubahwa ba Militants Ministres,

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Bashyitsi bahire batugendereye,

Ba Militantes ba Militans ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nejejwe no kubaramutsa mw'izina ry'abamilitante n'abamilitant ba Prefegitura ya RUHENGERI:

Nimutunge ituze dukura kw'ituze ry'amahoro,

Nimugire Ubumwe,

Nimugire Amajyambere,

Nimuze neza mulisanga mw'Isangane ryà Prefegitura ya Ruhengeri. Reka nyibabwire mu magambo make:

- Ifite ubuso bwa Km2 1.762;
- Ituwe n'abaturage 572.195 dukulikije imibare y'ukuboza 1980;
- Ni ukuvuga ko kuli Km2 imwe hatuwe n'abaturage bagera kuli 324;
- Abo baturage batuliye amakomini 16;
- Nayo ubwayo kandi ali mu turere tune:

  Akarere ka BUHOMA-RWANKERI kagizwe na Komine MUKINGO, NKULI, NYAMUTERA na NYAKINAMA

  Akarere ka MULERA-BUKAMBA kagizwe na Komini KINIGI, KIGOMBE, NKUMBA na KIDAHO

  Akarere ka BUKONYA-BUGARURA kagizwe na Komini NDUSU, GATONDE, RUHONDO, CYABINGO n'agace ka NYARUTOVU

  Akarere ka NDORWA-BUBERUKA na KIBALI kagizwe n'amakomini BUTARO, NYAMUGALI na NYARUTOVU.

/

Akarere ka NDORWA-BUBERUKA ko kabonye Suprefegitura yitwa BUBERUKA kuva muw'1976, intebe yayo ili i Kirambo muli Komini CYERU.

Muli uru rugendo rwanyu, Nyakubahwa Prezida wa Republika, aba baturage bantumye kubashimira byimazeyo kubera imishinga y'amajyambere imaze kugera muli Prefegitura ya RUHENGERI, kuva aho muherukira kubasura muw'1976. Muliyo twavuga:

A) MUBYEREKEYE UBUKUNGU

1. Mu buhinzi:

- Twishimiye umushinga w'icyayi wo muli NKULI-NYAKINAMA watangiye kandi ukaba ugenda neza.
- Twishimiye umushinga wo gushaka indobanure z'amoko y'ibirayi mu turere bihingwamo (PNAP).
- Amazu y'uruganda rwo gutunganya umushongi wa Pyrèthre yaruzuye: gusa haracyali ingorane zo kuboneza no guhamya uburyo bwo gutunganya uwo mushongi.

2. Mu bworozi:

- Twishimiye umushinga wo kworora amatungo magufi (DPE) hano mu RUHENGERI.
- Mu Kinigi hali umushinga wo kworora ku buryo bwa kijyambere inka z'indobanure zikomoka muli Canada.
- Icyakora n'ubwo tugitangira kworora bya kijyambere ayo matungo maremare, twali dusanganwe ubworozi bw'inka mu karere ka Ruhengeri, ndetse n'andi matungo, hagakubitiraho n'amatungo magufi ava muli wa mushinga twavuze (DPE) kugeza ubu ajya kubagirwa i KIGALI. Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yatwubakiye ibagiro ryiza rirengeje umwaka ryuzuye, tukaba twifuza ko ryatangira gukora, ku buryo ayo matungo yahabagirwa akagilira abaturage akamaro.

3. Mubyerkeye inganda n'ibizana ingufu z'umuliro.

- Amazu y'uruganda rwo muli Cyabaralika ruzaduha isima, ishwagara na nyiramugengeri, ali hafi kwuzura. Uruganda ruzatangira gukora mu mwaka utaha.
- Twishimiye cyane umushinga wo gucanira umujyi wa Ruhengeri umaze imyaka ine utangiye gukora; ubu umuliro ukaba warageze no mu mazu

.../...

mashya y'ishuli ryo muli NYAKINAMA.
Gusa hali uturere tumwe tw'umugi kandi dutuwe n'abakozi twibagiranye mul'uwo mushinga; nk'amazu menshi ali inyuma y'Iposita kugera kuli. Service Véterinaire no kuli Nyamagumba, n'igice gito cyo kw'ibereshi (camp Belge).

- Umushinga w'urugomero rwa Mukungwa ruzabyara amashanyarazi azafatanya n'ay'urugomero rwa Ntaruka gucanira u Rwanda, ugiye kwuzura.

4. Mubyerekeye imihanda no gutumanaho.

- Umuhanda wa kabulimbo uhuza Ruhengeri na Gisenyi hashize imyaka ine utashywe. Gusa hali henshi uwo muhanda ukeneye gusanwa.
- Kubona umuhanda wa Kigali-Ruhengeri waratangiwe byaradushimishije cyane. Tulifuza ko gutangira agapande kava mu Ruhengeri kagera i Cyanika nabyo byakwihutishwa.
- Ibiraro bizahuza amakomini ya Nyakinama na Cyabingo, ndetse na Nyamutera na Gatonde bigiye kwuzura. Ntawatekerezaga mbere ya Republika ya Kabili ko ayo makomini yazahura.
- Ntitwahetura ibyerekeye gutumanaho tudashimiye Leta ko yorohereje abagenzi bihuta cyane cyane hagati ya Ruhengeri na KIGALI, ikaba yarashyizeho programu y'indege buli wa kabili w'icyumweru.

B) MUBYEREKEYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE, UBUREZI N'UMUCO

- Ibitaro bya Ruhengeri birakomeza kwagurwa; twizeye kandi ko iyo milimo nirangira, hazakulikiraho iyo kwubaka rya shuli ry'abavuzi.
- Ikigo cy'ishuli Kaminuza kimaze kuzura hepfo aha muli Nyakinama, ndetse ishami ryahateganyilijwe likazahatangilira uyu mwaka w'amashuli utaha. Turasaba ababishinzwe bose gukora uko bashoboye kugira ngo programu yose yateganyilijwe iryo shuli izubahilizwe nta nkomyi. Turasaba kandi twizeye, ko icyo kigo kizakomeza kwagurwa kuburyo n'andi mashami y'ubumenyi ahakwiliye azahaza.

C) MUBYEREKEYE UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA

- Turashimira Leta inkunga yateye abaturage b'iyi Prefegitura mu kwubaka ibiro bishya bya Prefegitura n'ibya Suprefegitura ya Buberuka, byombi bikaba bigiye kwuzura.
- Urukiko rw'Ubujulire hano mu Ruhengeri rumaze imyaka ine rwuzuye kandi rurakora.

- Mw'izina ry'abaturage ba Suprefegitura Buberuka, turashimira Ministeri y'Ubucamanza kuba yrafunguye urugereko rwa kabili rw'urukiko rwa mbere rw'Iremezo muli ako karere. Tukaba dusaba iyo Ministeri ko n'urugereko rwa kabili rwa Parike rwashyizweho kuva muw'1976 rwatangira kuhakorera. Iyo Ministeri ikareba impamvu itegeko ryashyizeyo abakozi kuva mu mwaka ushize litubahilijwe.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, abaturage ba Prefegitura ya Ruhengeri bakiliye neza intego za Republika ya Kabili na Muvoma Revolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, ku buryo nabo batiganze, cyane cyane mu Muganda, kugira ngo bashobore kugera ku majyambere mwitangiye kubagezaho. Dore bimwe mu bikorwa by' ingenzi bamaze kugaragaza hirya no hino mu ma komini:

A) MUBYEREKEYE UBUKUNGU

1. Mu buhinzi n'Ubworozi:

- Mu mwaka ushize, Prefegitura ya Ruhengeri yabaye iya mbere mu Rwanda hose mu kurwanya isûli, n'ubu kandi ntituratezuka kuli uwo mugambi.
- Tuzi neza ko iyi Prefegitura ifite ibisozi bihanamye; ku kubilinda iyo sûli tuvuze, twihatiye gukora uko dushoboye dutera amashyamba.
- Koperative z'ubuhinzi n'ubworozi ziriyongera mu makomini yose ya Prefegitura.

B) MUBYEREKEYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE N'UMUCO

1. Ku bireba ubuzima bw'abaturage:

- Uretse Komini Nyamutera, nta yindi Komini y'iyi Prefegitura idafite ivuliro. Ayo mavuliro hafi yose yagiye yubakwa n'abaturage bafatanije n'ibihugu by'inshuti n'abakuru b'amadini. Kiliya kibazo cya Nyamutera kandi nacyo, twizere ko kizabonerwa umuti vuba.

.../....

- Icyakora kubyerekeye ayo mavuliro, na none hali centres de santé z'i Shingiro muli Mukingo n'iy'i Gasiza ihulirwaho n'ama Komini ya Kinigi na Nkumba zimaze kwuzura, zikaba zikeneye imiti, ibikoresho n'abakozi.

2. Mu byerekeye uburezi.

- Abaturage b'iyi Prefegitura bashyigikiye bikomeye ivugururwa ry'amashuli, ku buryo n'ubwo twahuye n'ingorane bwose, bitabujije iyi Prefegitura yacu gufata umwanya wa gatatu mu kwubaka imyaka ya 7 n'iya 8 na za ateliers scolaires. Hamwe na hamwe batangiye kwubaka za CERAI.

## C. MUBYEREKEYE UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA.

- Ibiro bishya bya Prefegitura bigiye kwuzura; tukabikesha ahanini ubwitange n'umwete w'abavuka n'abatuye muli iyi Prefegitura.
- Abaturage bishimira gushyikiliza ibibazo byabo ahantu hatunganye ku buryo bahagurukiye kwiyubakira ibiro bishobora gukorerwamo imilimo yose muli Komini.
Dore ejobundi twatashye ibiro bya Komini Mukingo, kandi hakaba hagiye kwuzura ibindi muli Nyamutera, Ruhondo na Kigombe. Ubu Komini NDUSU irubaka, naho Kinigi na Nkumba zili hafi gutangira.
- Mu rwego rw'ubucamanza, ntitwakwibagirwa Urukiko rwa Kanto ya Nkuli twatashye hambere aha mu kwezi kwa kalindwi.

## I B Y I F U Z O

Nyakubahwa Prezida wa Republika, nubwo mumaze kugeza abaturage ba Prefegitura ya Ruhengeri kuli byinshi mubigomba kubateza imbere, haracyaliho ibindi bigikenewe kandi twifuza ko Leta yadufashamo: mulibyo ibyihutirwa ni ibi:

### A. MU RWEGO RW'UBUKUNGU

1. Mu buhinzi n'ubworozi

- Hali umushinga wo guhinga quinquina mu karere ka Bukonya twali twaremerewe; tulifuza ko wagaragalira mu bikorwa.

- Hali nanone umushinga wo guhinga ingano mu Buberuka no mu Buhoma nawo ugitegerejwe.
- Hali kandi ibuye rya mbere twashyize ahazubakwa uruganda rw'ibigoli muli Komini Nkuli kuva mu kwezi kwa kalindwi kw'umwaka ushize, aliko n'ubu turacyalibagalira. Twasabaga ko mwazatwibukiliza inshuti zacu za Koreya ko tukibizeye.
- Prefegitura ya Ruhengeri ifite ibiyaga n'ibishanga byinshi; tukaba twifuza ko Leta yashaka imishinga ikwiranye nabyo.
- Abahinzi ba pyrèthre bifuza ko OPYRWA yabongerera igiciro cy'ikilo cya pyrètre mbisi, nibura kikaba amafranga 20 ku kilo, kuko kugeza ubu babaha amafranga make cyane. Bizeye ko igihe uruganda rwo gutunganya umushongi wa pyrèthre ruzatangilira gukora, icyo giciro kizazamurwa byibuze kuli ayo mafranga 20 bifuza.
- Hali n'ikibazo cy'inyamaswa zo muli Parki y'Ibirunga zonera abaturage kitarabonerwa umuti.

2. Muby'imihanda no gutumanaho

- Umuhanda uzungurutse ibiyaga bya Bulera na Ruhondo (circuit des Lacs) uragendwa cyane aliko umeze nabi: tukaba twifuza ko wakorwa neza, ukagurwa kandi ugashyirwamo bus.
- Hashize igihe kirekire twibutsa ko ibiro by'iposita ya Ruhengeri byakwagurwa kuko bitagikwiranye n'imilimo yose ikorerwamo. Twongeye na none gusaba ko abashinzwe icyo kibazo bakwihutira kugitunganya.
- Umugi wa Ruhengeri ni Nyabagendwa; ukeneye rero Ihoteli igaragara.

B) MU RWEGO RW'IMIBEREHO Y'ABATURAGE, UBUREZI N'UMUCO

- Turasaba ko uturere twa Buberuka n'Ubukonya twakwubakirwa ibitaro
- Abaturage batuliye ibirunga bafite ingorane zo kuvoma amazi mu masôko ali muli Parki y'Ibirunga; tukaba dusaba ko Leta yatwigira icyo kibazo kandi ikihutisha imishinga yo gukwiza ayo mazi mu karere gahana imbibi n'iyo Parki.

- Tulibutsa ko mubyangiliza abaturage mu makomini ageze kuli 5 mw'iyi Prefegitura, hali imigezi iva mu birunga igihe cy'imvura ikangiza imyaka, amazu, ndetse limwe na limwe igahitana n'abantu n'amatungo. Turasaba Leta ko icyo kibazo nacyo itacyibagirwa.
- Mu wa 1976, aba militantes n'aba Militants ba Ruhengeri biyubakiye ishuli ryisumbuye i Gatovu (Tronc Commun). Ubu limaze imyaka 5 abanyeshuli baryigiramo. Turasaba Leta ko yarishyigikira cyane ku buryo ryabera abandi babyeyi urugero. Turasaba kandi n'andi mashuli yisumbuye mu karere ka Bukonya n'aka Buberuka.

- Mu bihimbaza abaturage, urubuga rw'imikino narwo rulimo, tukaba dusaba Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kudushyilira mu bikorwa inkunga yatwemereye yo kwagura no gukomeza iki kibuga cyo mu Ruhengeri duteraniyemo.
- Abakozi ba Leta bakunda kubona amacumbi bibaruhije kubera ubuke bwayo. Tukaba twifuza ko Leta yatwigira uburyo bwo kwongera amacumbi dufite.

C) <u>MU RWEGO RW'UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA</u>

- Kugirango ubutegetsi bukomeze kwegera abaturage nk'uko bili mu ntego za Republika ya II, n'ubwo uturere twa Mulera-Bukamba na Buhoma-Rwankeri natwo dukeneye Suprefegitura, akarere ka Bukonya niko kali kure y'ubutegetsi kuruta utundi.

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, twongeye kubashimira ko mwaje kudusûra, mukaduha umwanya wo kubamenyesha uko tubona amatwara n'imigambi ya Republika ya II na Muvoma Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda n'umwuka w'abamilitante n'abamilitant b'iyi Prefegitura bahumeka.

Ubumwe n'Amahoro ni indamutso n'abavandimwe bacu ba Republika ya Uganda bamaze kumenyera.

.../....

Mwabonye ko intumwa zabo zaturutse muli Sub-District ya Gisoro zaje kudutera inkunga kuli uyu munsi, twakiraho Président-Fondateur wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

None mubyeyi w'Ubumwe n'Amahoro, ikimenyetso cy'uko tudashobora kubatererana mul'uko gushyigikira ubumwe n'amahoro,

Ikimenyetso cy'uko tubiragije ngo mukomeze muyatulindire, tubatuye: ingabo, icumu, umuheto n'umwambi w'umuhimba, byakoreshejwe n'umwe mu ntwali z'imena mu Banyarwanda barwanye ku Mulera. Nk'iliya ngabo imaze imyaka irenga mirongo inani.

REPUBLIKA YA KABILI NIRAMBE !
MUVOMA REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE
Y"U RWANDA NISUGIRE NISAGAMBE !

M U R A M B E !

Ruhengeri, le 21/08/1981.

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE BYUMBA

IJAMBO PREFE WA PREFEGITURA YA BYUMBA YAVUZE YAKIRA NYAKUBAHWA PREZIDA-FONDATERI WA MRND I BYUMBA TALIKI YA 20 KANAMA 1981

Nyakubahwa Milita Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa MRND,

Ba Milita Banyacyubahiro bashyitsi,

Kuli uyu munsi utazibagirana mu mateka ya Prefegitura ya Byumba, nshimishijwe cyane n'aka kanya mbonye ko kubacyira. Mw'izina rya ba militantes na ba militants batuye muli iyi Prefegitura, murakaza neza, nimurambe, mugire kandi amahoro n'umugisha.

Nyakubahwa Prezida-Fondateri wa MRND,
Ukuza kwanyu hano i Byumba, ntikuduteye amatsiko ahubwo kuduteye inkunga kandi kwongeye kutwereka ko mwitaye kubo mwatorewe kuyobora.

Ntituzibagirwa agaciro k'amahoro mwatuzaniye kuwa 5 Nyakanga 1973. Ntituzibagirwa umusaruro w'umutekano n'ubumwe mwasakaje mu Banyarwanda kuwa 5 Nyakanga 1973.
Tubashyigikiye twese mu ntambara murwanira Igihugu cyacu mukivugurura kandi mugiteza imbere nk'uko Manifeste ya MRND mwashinze ibisaba buli Munyarwanda.

Iliya mbaga yacyereye kuza kubacyira inyibukije kandi yongeye kugaragaza ikizere Abanyarwanda benshi cyane babagiriye umunsi babatoreraga kubayobora. Nk'uko mutaradutenguha natwe tuzakomeza kubizera kuko tubatengushye twaba tubagondoje kandi duhungabanyije icyo kizere.

Ba militantes na ba militants b'iyi Prefegitura bacengewe rwose n'amatwara ya Mouvement yacu: Uturere twose tuyigize twiganjemo amahoro, abadutuye barumvikana kandi bashishikajwe no gukoresha amaboko yabo kugira ngo bizamure ubwabo bazamura na cellules batuyemo. Abake bateshuka ku ntego za Mouvement barakosorwa.

Uko gucengerwa n'amatwara ya MRND byatumye twigerera kuli byinshi byiza. Umuganda twubahiliza watumye za Komini zigera kuli byinshi.
Ingero natanga ni:
- Amashuli menshi twubakiye abana bacu;
- Amashyamba twateye n'umwete twagaragaje mu gufata neza ubutaka;
- Imihanda ihuza amasegiteri n'amakomini yaharuwe;
- Za koperative z'ubuhinzi n'iz'ubworozi zashinzwe n'ishyirahamwe ryazo ku rwego rwa prefegitura;
- Imilima ntangarugero yafashwe neza;
- Nyakatsi twarwanije nubwo urugendo rukili rurerure;
- Amashuli ahugura ubutitsa abaturage yubatswe akaba yigirwamo n'abakuru b'amakipi;
- Amaliba n'amasoko yafashwe neza;
- Amavuliro, ibigo bitsura amajyambere n'ibindi ntarondoye muli aka kanya, byagezweho kubera ubwitange bw'abayobozi b'inzego zose za MRND n'ubwa ba militantes na ba militants bayobora.

Programu yacu yo kwizamura ubwacu ishingiye cyane cyane kuli za ntego muduha buli mwaka ali nazo zidufasha guteganya inyigisho zitangwa muli bya bigo bihugura ubutitsa abakuru b'amakipe.

Nyakubahwa Prezida wa Republika,

Ibikorwa by'amajyambere twagezeho ni byinshi turebye uko imbaraga zacu zingana. Ni bike aliko tugereranije n'ubukene bw'Igihugu cyacu. Turabashimira rwose inkunga Republika ya 2 na Mouvement bidahwema kudutera bishyigikira cyangwa byuzuza ibikorwa byatangiwe n'imbaraga zacu mbite.
Turabashimira cyane kubera imishinga yihaliye tubakesha yateje imbere Prefegitura yacu. Muli yo imwe igiye gutangira indi yararangiye, indi iracyakomeza kandi iragenda neza.
Muli iyo twavuga:

- Imishinga ya OVAPAM, Kagitumba-Muvumba n'uwa za Komini Rutare na Giti igamije gutsura amajyambere y'abahinzi-borozi;
- Imishinga y'icyayi n'inganda zacyo byo ku Mulindi na Cyohoha-Rukeri;
- Gukwiza amazi i Kiziguro n'i Gakenke nubwo hajemo ibibazo byinshi;
- Umuhanda Kigali-Gatuna nubwo wangiritse cyane wali igikorwa gikomeye dukesha Leta yacu;
- Amazu y'ubutegetsi cyane cyane ayo kuli S/Prefegitura Gatsibo;
- Ibiro bishya bya Prefegitura bigiye kubakwa;
- Ishuli ryisumbuye ry'abakobwa ry'i Nyagahanga;
- Ecole Sociale y'i Byumba;
- Umushinga ukomeye uzazamura amakomini agera kw'icumi mu by'ubuhinzi,ubworozi n'ibindi t/izera ko uzatangira mu ntangiliro z'umwaka utaha;
- Amangazini ya OPROVIA n'ibigega bya GRENARWA;
- Ibitaro by'i Kiziguro byuzuye n'iby'i Ngarama bilimo kubakwa;
- Ibigo by'ubworozi by'i Buyoga na Murambi;
- Igaraji rya ONATRACOM ryuzuye i Byumba n'ubwo litaratangira akazi karyo;
- Gusana Gereza y'i Byumba no kwubaka Urukiko rwa mbere rw'Iremezo byagezweho;
- Centre médico-social y'i Rushaki n'iy'i Rwesero;
- N'ibindi byinshi ntarondoye ubu.

Ntitwabura aliko kwibutsa ko twishimiye rwose intambwe Republika ya 2 yaduteje itera inkunga Ofisi y'Amatangazo ya Leta bityo Radio Rwanda ikumvikana kurushaho, ibiganiro byayo bikarushaho kunogera ababyumva n'imvaho ikarushaho gucengera mu baturage.

Twishimiye kandi umushinga watangiye wo gushyira telefoni mu byaro ndetse Komini ya Cyumba ikaba yarabimburiye izindi.
Twashimye kandi uburyo bushya bwo gukangura no guhuza Abanyarwanda. Iyo animation bamwe bihaye kunegura yatugejeje kuli byinshi kuko nta gahato mwadushyizeho ko kuyikora ku buryo ubu n'ubu, buli wese muli buli karere afite uburyo bwe yerekaniraho ko ali ijisho rya MRND kandi ko yatabarijwe guharanira intego zayo.
Turizera ko ibibazo byerekeye Ivugururwa ry'Amashuli byagaragaye kandi ko byitaweho. Twasabaga ko abana bamwe batashoboye gutsinda ikizamini nyuma y'umwaka wa 8 kandi batigeze basibira na limwe bakwitabwaho kuko za CERAI zitaruzura zose.
Ibyo ejo mwavugiye i Kibungo byerekeye gukwirakwiza imishinga ya kijyambere mu turere twose tw'u Rwanda twarabyumvise kandi twarabishimye.

Mu by'ukuli rero, ingorane zacu zirazwi. Iyo zitabonerwa umuti bamwe bibwira ko inzego zo hejuru zabarangaranye kandi ntaho ingorane zitaba. Muli aka kanya aliko byaba byiza, Nyakubahwa Prezida wa Republika, nibukije ibibazo by'ingenzi bitubabaje twashyikilije Ministeri ya Plan kugirango bizabonerwe umuti bishobotse bidatinze:

- Ikitubabaje cyane n'iyagurwa ry'ibitaro by'i Byumba kuko ubu abarwayi 3 batarwaye indwara 1 baryama ku gitanda 1.

- Ibindi nabyo ntibyoroshye. Muli byo twavuga icy'amashuli yisumbuye n'icy'amazi. Muli iki gihe, Prefegitura yacu ifite amashuli make yisumbuye n'abanyeshuli barangiza mu mashuli yisumbuye ni bake.
Twifuzaga ko amashuli yakongerwa ku buryo kandi yatuma twohereza abanyeshuli benshi mu mashuli makuru (Ecoles Supérieures).
Kandi twumvise ko H.C.R. yifuza kwubaka limwe mu Mutara Leta ibyemeye. Muli uyu mwaka tugomba kwita ku mazi, tukayakwiza mu byaro, byaba byiza Ministeri ibishinzwe na twe itwitayeho kuko za adductions nyinshi zigomba gutangirwa uretse iy'i Kagitumba igomba gusanwa. Twizeye kandi ko Ministeri zibishinzwe zizatera inkunga OVAPAM kugira ngo umushinga wo gukwirakwiza amazi mu Mutara wose ugerweho vuba kandi neza.
Turashimira kandi Electrogaz yiyemeje gukomeza gukwiza amazi meza mu mujyi wa Byumba kandi ikazayageza no ku baturage begereye uwo mujyi.

- Mu byerekeye ubuhinzi n'ubworozi twifuzaga ko n'akarere ka za Komini Gituza-Murambi na Muhura kabona umushinga wafasha imbaga nyamwinshi kuzamuka.
Twibutsaga kandi umushinga wo gutunganya ibishanga bya Warufu na Bahimba n'uw'iyubakwa ry'urundi ruganda rw'icyayi i Rushaki kuko urwo ku Mulindi ali rutoya cyane ugereranije n'ubwinshi bw'icyayi.
Byaba byiza kandi umushinga wo guhinga no gutunganya itabi mu Mutara wongeye ukitabwaho.
Turashima kandi Leta yatuzaniye umushinga w'ubworozi bw'amafi akomoka muli Koreya uli muli Rutare na Ngarama.

- Ubukene bw'amakomini burazwi. Ubwo bukene buterwa na byinshi buranga bukiyongera.
Byaba byiza Leta yongereye imfashanyo yahaga Ikigega kigamije gutsura amajyambere ya za Komini kandi igashakisha uburyo za Komini zakwishyura imyenda izibuza gutera imbere.

- Ku kibazo cy'imihanda, turasaba ko Ministeri ibishinzwe yabonera ibikoresho za Komini zihanga imihanda mishya kandi igasubirana imihanda yananiye Komini kuko impamvu na listi y'iyo mihanda twabyohereje.
Tulifuza kandi ko imihanda Byumba-Ngarama-Gabiro na Kayonza-Kagitumba yashyirwamo kabulimbo. Icyaratubabaje cyane twumvise ko umuhanda mushya uzajya i Gabiro uzashamikira k'twa Kigali-Gatuna aho gutangilira i Byumba.
Ntawe uyobewe ko umuhanda wa Kigali-Gatuna ubu wangiritse cyane kandi ko watumye umujyi wa Byumba utakara. Byaba byiza kandi byadufasha Leta ituboneye imfashanyo yo gutunganya ibirometero 8 biduhuza n'uwo muhanda ujya i Gatuna.

- N'ubwo hali amashanyarazi ava i Rulindo akagera ku Mulindi, ntawakwirengagiza ko ali aho gusa agarukiye muli Byumba kandi ko amulikira Tumba, Kinihira, Byumba na Mulindi gusa. Bishobotse rero yakomeza ajya mu Mutara, i Gabiro no mu Buganza tutibagiwe na za centres ayo mashanyarazi atamulikira.

- Hali kandi imishinga yuzuye, iratahwa ntiyatangira. Nk'umushinga w'igaraji rya ONATRACOM ntacyo watumaliye.

.../...

Amazu ya Douane yubatswe i Bweya ntacyo atumaliye. Ayubakwa i Gatuna yo ateye iki n'iki.

- Tulibutsa ONATRACOM ko uretse autobus iva i Kigali, igaca i Byumba ijya i Ngarama, nta yindi ihuza utundi turere twa Prefegitura yacu.

Ujya mu Ruhengeri aca Nyacyonga aho kunyura Base cyangwa inzira ya Tumba. Ushaka kujya Gakenke autobus imusiga i Ngarama cyangwa agaca i Kigali n'i Rwamagana.

- Turasaba kandi ko Ministeri y'Imali yaduha ibiro by'imisoro hano i Byumba kuko abacuruzi bavunika bajya i Kigali. Abo bacuruzi kandi barasaba ko itegeko lishya ryerekeye ipatanti (patente) ryakongera kwigwa kuko libaremereye cyane.

- Tulifuza ko Ministeri zibishinzwe zakomeza kutwigira umushinga wo kwubaka stade y'imikino hano i Byumba kandi zikazadutera inkunga y'amafranga mu kuyubaka.

- Turasaba ko umushinga wo kwubaka ikigo cy'ingororamuco i Ngarama wakwitabwaho kandi i Byumba hakubakwa Parquet nshya kandi ngari.

- Umushinga wo kwubakira neza no gutunganya isoko ry'i Byumba waratangiye Ikibazo dufite ni ubukene bw'amafranga. Twasabaga Ministeri ya Plan kudutera inkunga idushakira imfashanyo.

- Twasabaga abashinzwe Parc National y'Akagera gufasha abakozi bayo baba i Gabiro, abalinda iyo parc ndetse n'abayegereye yagura amazu ya dispensaire y'i Gabiro. Tuributsa kandi Ministeri y'Ubuvuzi ko umugangá wali ushinzwe iryo vuliro yahawe konji y'iminsi 360 akagendá afunze dispensaire hakaba hashize amezi menshi atarasimburwa. Aho i Gabiro kandi, abakozi benshi bahakora bafite ikibazo cy'amashuli y'abana babo. Byaba byiza Ministeri ibishinzwe ibibafashijemo ikarushaho kumva ikibazo cyabo bihaliye.

- Amavuliro menshi dufite ubu ni ama dispensaires. Turifuza ko izo dispensaires zahindurwa centres de santé zimwe na zimwe ndetse nka Cyumba, Gakoma, Muhura, Miyove na Rutare zigahinduka ibitaro byo mu byaro. Turasanga ali ngombwa ko umubare w'ayo mavuliro wakwiyongera.

- Turasaba ko ino i Byumba hashyirwa ikibuga cy'indege.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, hali ibibazo Prefegitura zose zihuje bagenzi banjye mwabanje gusura babagejejeho. Muli ibyo nanjye nakwibutsa ikibazo cyo kwubakira abakozi amazu y'amacumbi, icyo gutanga ibibanza mu mujyi no gukora plan iboneye ya za centres z'ubucuruzi, icyo kugaragaza ko Prefegitura yahawe koko ubuzima-gatozi, icyo kwongera umubare wa za S/Prefegitura n'icyo gushyira amatara ku mihanda yo mu murwa mukuru wa Prefegitura.

Muli uyu mwaka tugomba kandi kwita ku bantu bamugaye. Ministeri ibishinzwe ikwiye rwose gutera inkunga za Komini kugira ngo programu yo gufasha ibimuga igerweho kuko umubare wabo ali mwinshi mu byaro.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, ntimugirengo nazinduwe no gusabiriza ahubwo byali ukubibutsa ubukene bwacu mwiyiziye. Sinarangiza nyamara listi y'imishinga itubabaje ntabibukije ko ahandi henshi imirwa mikuru ya za Prefegitura ifite aho abagenzi bashobora kurara no gufungulirwa. I Byumba rero dukeneye ihoteli iringaniye yabidifasheme.

Ba militantes, ba militants mwaje kwakira Umukuru w'Igihugu cyacu, nizeye ko ibibazo mwantumye kumugezaho nabivuze byose. Sinshidikanya ko tubimufashijemo azakora uko ashoboye akabibonera umuti.
Dukomeze dushyigikire amahoro n'ubumwe yadusakajemo. Ntituzamutenguhe ngo dusinzirire mu bunebwe, mu binyoma, mu buryarya no mu nzangano.
Ntawe uyobewe ko ibyo byose n'ibindi bijyana na byo bidindiza amajyambere n'ubwigenge bwacu.
Ntawe uyobewe ko MRND yabyamaganye igishingwa.
Twongere rero dushimire Prezida Fondateri w'iyo Mouvement n'abashyitsi bazanye nawe tubereka ko twumvise kandi dushyigikiye ayo mahoro, ubwo bumwe bizatugeza ku majyambere.

M U R A K O Z E .

/U.H./NY.V./

Ijambo lya Prefe wa Prefegitura ya Gitarama ku munsi Prezida wa Repubulika asura iyo Prefegitura.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

Muli ili jambo ndabona ntacyifuzo kigaragara cyerekeye urubyiruko rutize kilimo, uretse stade y'imikino kandi n'ibya D.G.Sports. Aliko dukulikiranye ibyo Prefe yasabye, twasangamo ibireba urubyiruko rwacu :

- Ibyerekeye ubuhinzi (P.3)

* Kwagura ubuhinzi bw'umuceli mu Mukunguli no kuhubaka uruganda rwo kuwutunganya, ndatekereza ko urubyiruko rwabonamo akazi. Yego baba ali bake aliko nabyo bifite akamaro. Niba kandi hali amashyirahamwe y'urubyiruko ahinga umuceli, byababafasha kubona ubundi butaka bwo guhingamo, imyungu ikiyongera.

* Ahasigaye twakwandikira umuyobozi w'urubyiruko muli komini MUGINA akatubwira niba hali amashyirahamwe y'urubyiruko ruhinga umuceli n'uko twabafasha. Niba ali ntayo kandi akabarebera uko bayatangira.

- Ibyerekeye inganda (P.4)
  Usibye ko ibyo Prefe abivugaho mbona bituzuye, hali amashyirahamwe y'urubyiruko muli GITARAMA abumba amatafali n'amategura, twabaza rero umuyobozi w'urubyiruko muli iyo Prefegitura akatwohererereza umubare w'ayo mashyirahamwe, n'umubare w'urubyiruko rulimo, n'icyo abona Ministeri y'abakorera ngo ibatere inkunga.

- N'ikimwe n'umushinga wo gucukura amabuye muli komini MASANGO sinzi niba hali amashyirahamwe y'Urubyiruko yatangiye aliko hagomba kuba hali abasore bakoramo.
  Umuyobozi w'urubyiruko muli MASANGO rero yarakwiliye kuturebera uko bimeze, niba bahali akareba ibikoresho bafite, ibyo babuze, umubare wabo, niba bibafitiye akamaro ku bulyo bafashwa.

UZABAKILIHO Hildegarde

Le 7/10/1981 .-

[signature]

OK
[signature] 15-10-81

Ijambo lya Prefe wa Prefegitura ya Gitarama ku munsi Prezida wa Repubulika asura iyo Prefegitura

Muli ili jambo ndabona ntacyifuzo kiparaparara cyerekeye urubyiruko rutize kilimo, urebe stade y'imikino kandi ibyo n'ibya D.G.Sports.

Aliko dukulikiranye ibyo Prefe yasabye, twasanzemo ibireba urubyiruko rwacu:

- Ibyerekeye ubuhinzi (P.3)

* Kwagura ubuhinzi bw'umuceli mu Mukungwali no kuhubaka uruganda rwo kuwutunganya, ndatekerza ko urubyiruko rwabonamo akazi. Nubwo baba ali bake aliko nabyo bifite akamaro. Niba kandi hali amashyirahamwe y'urubyiruko ahinga umuceli, byabafasha kubona ubundi butaka bwo guhingamo, imyungu ikiyongera.
* Ahasigaye twakwandikira umuyobozi w'urubyiruko muli komini Mugina akatubwira niba hali amashyirahamwe y'urubyiruko ruhinga umuceli n'uko twabafasha. Niba ali ntayo kandi akabarebera uko bayatangira.

- Ibyerekeye inganda (P.4)
  Usibye ko icyo Prefe abivugaho mbona bitunguye, hali amashyirahamwe y'urubyiruko muli Gitarama abumba amatafali n'amategura, twabaza rero umuyobozi w'urubyiruko muli iyo Prefegitura akadwoherereza umubare y'ayo mashyirahamwe, n'umubare w'urubyiruko rulimo, n'icyo abona Minisiteri y'abakorera nyo ibatere inkunga.

- N'ikimwe n'umushinga wo gucukura amabuye muli komini Masango. Sinzi niba hali amashyirahamwe y'Urubyiruko yatangiye aliko hagomba kuba hali abasore bakoramo. Umuyobozi w'urubyiruko muli Masango rero yarakurikiye kuturebera uko bimeze, niba bahali akareba ibikoresho bafite ibyo babuze, umubare wabo, niba bibafitiye akamaro ku buryo bafashwa.

Uzabakiliho Hildegarde
le 7-10-1981

REPUBLIQUE RWANDAISE

PREFECTURE GITARAMA.

IJAMBO LYA MILITANT PREFE WA PREFEGITURA YA GITARAMA KULI 17 KANAMA 1981, UMUNSI NYAKUBAHWA PREZIDA WA REPUBULIKA, PREZIDA-FONDATEUR WA M.R.N.D. GENERAL-MAJOR HABYARIMANA JUVENAL YAJE KUGENDERERA PREFEGITURA YA GITARAMA

--------

- Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika y'u Rwanda, Prezida Fondateur wa M.R.N.D.,
- Nyakubahwa Umunyamabanga mukuru wa M.R.N.D.,
- Ba Nyakubahwa Abagize Komite Nyobozi ya M.R.N.D.,
- Ba Nyakubahwa ba Militants Ministres,
- Nyakubahwa Militant Chancelier,
- Nyakubahwa Musenyeli,
- Nyakubahwa Frère Supérieur Général, Umukuru w'aba Joséphites mu Rwanda,
- Ba Militantes namwe ba Militants,
- Ba Sympathisantes na ba Sympathisants ba M.R.N.D.,

Mw'izina rya ba Militantes na ba Militants batuye Prefegitura ya Gitarama, no mw'izina ryanjye bwite, ndashimira Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D. Nyakubahwa Militant Général-Major HABYARIMANA Juvénal wigomwe imilimo myinshi afite, uyu munsi akaba yaje gusura ba Militantes na ba Militants batuye Prefegitura ya Gitarama.
Nsabye abali hano mwese kumfasha kumushimira mukamuha amashyi menshi n'ababyeyi bakamuha impundu.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D., Prefegitura ya Gitarama, ifite Komini 17, mw'iherezo ry'umwaka wa 1980, yali ituwe n'abantu 594.880 tutabaliyemo abayilimo aliko batali muli recensement yayo, nk'abakozi ba Leta, abihaye Imana n'abandi. Bene abo bose babaliwemo muli recensement yakozwe muli 1978 yerekanye ko muli Prefegitura ya Gitarama hali, icyo gihe, abantu 602.752, ubwo ikaba iya kabili kuli Prefegitura ya Kigali ukulikije ubwinshi bw'abaturage.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D., ba Militantes na ba Militants ba Prefegitura ya Gitarama, twese twiyemeje kubashyigikira, gushyigikira Repubulika ya kabili, guharanira amahoro, ubumwe n'amajyambere.

.../...

Ibyo bigaragazwa n'ibikorwa byagezweho hirya no hino muli Prefegitura; urugero : amashuli yubatswe, imihanda yaharuwe, amashyamba yatewe, imilingoti yacukuwe, tutibagiwe n'indi milimo yose yakozwe yo kurwanya isuli, za Centres de Santé zubatswe, imiyoboro y'amazi yacukuwe, amasôko yatunganyijwe, amahuliro yo guhugura abaturage yubatswe mu makomine amwe, dispensaires-vétérinaires zubatswe, ibyuzi by'amafi byacukuwe, ibiro bya Sous-Prefegitura ya NDIZA byuzuye ndetse n'ibiro bya Prefegitura bizatahwa mu minsi ili imbere, n'ibindi. Ibi byose n'ibindi ntashoboye kuvuga tubikesha amahoro n'ubumwe bili muli ba Militantes na ba Militants bikaba byerekana uko M.R.N.D. ishyigikiwe na ba Militantes na ba Militants twese muli Prefegitura ya GITARAMA.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D., akuzuye umutima gasesekara ku munwa, nk'uko amatwara ya M.R..N.D. muli ba Militantes na ba Militants ba Prefegitura ya Gitarama agaragalira mu bikorwa byakozwe niko agaragalira no muli animation. Uburyo animation ikorwa muli Prefegitura ya Gitarama, ni kimwe mu byerekeye ukuntu M.R.N.D. yacengeye muli ba Militantes na ba Militants twese ba Prefegitura ya Gitarama. Bimwe mwarabyiboneye aho mwagiye muza gutaha no gutangiza imishinga n'ubu kandi murabyibonera kandi byose tukaba tubibashimira. Ibindi Umunyamabanga mukuru wa M.R.N.D. yarabyiboneye ali muli za Komine yasuye ali no mw'irushanwa ryagiye liba kenshi ahibereye kandi nawe tukaba tubimushimira.
Turashimira Presidence ya M.R.N.D. inkunga yateye ba Militantes na ba Militants ba Komine TAMBWE, MUGINA, NYAKABANDA, na BULINGA ndetse na Cellule y'abakozi ba Leta i Gitarama tutibagiwe n'amashuli yisumbuye yo muli Gitarama, izo nkunga halimo imodoka, amafranga, amabati, uniforme y'animation, amasuka n'ibindi.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, uretse ibyakozwe byuzuye, hali n'ibyatangiwe bigikorwa bitaruzura, hali kandi n'ibiteganywa gukorwa.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D., n'ubwo ba Militantes na ba Militants bakora uko bashoboye buli wese ku mulimo ashinzwe, bagatanga umuganda, bagatanga n'umusanzu igihe ali ngombwa ndetse na Komine zigashyiraho akazo, ntibibuza ko bagenda bahura n'ingorane cyane cyane ingorane mu bukene bw'amafranga. Ahangaha nkaba mbonye umwanya wo gushimira Leta y'u Rwanda muyoboye Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, inkunga nyayo yaduteye muli byinshi, urugero : Moteri mwatanze zizacana kuli Sous-Prefegitura Ndiza na Komine ya Kayenzi, amafranga n'ibikoresho byatanzwe na Leta mw'iyubakwa rya za ateliers z'amashuli, ibikoresho byatanzwe na Leta byo

gufasha ba Militantes na ba Militants mu kurwanya isuli, amashimo yatanzwe mw'irushanwa ry'ubuhinzi n'ubworozi, Leta yateye inkunga Komine kugirango zishobore kugulizwa zibone imodoka zo gukorera Komine. Umuhanda Leta yafashe uturuka muli Komine Mukingi ugana muli Komine Masango ukambuka ugana muli S/Prefegitura ya BUNYAMBILIRI. Imfashanyo z'ibishyimbo byahawe abali batabifite kugira ngo babone ibibatunga, amafranga n'ibikoresho Leta yatanze ku biro bya Sous-Prefegitura ya Ndiza byuzuye n'ibya Prefegitura bili hafi kuzatahwa ikaba yarunganiye ibyali byakozwe na ba Militantes na ba Militants n'imisanzu batanze n'ibindi. Tukaba tubashimira iyo nkunga ya Kibyeyi mwaduteye kandi muzakomeza kudutera, nsabye abali hano bose kumfasha kubashimira.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D., nubwo mwaduteye inkunga itoroshye kandi na ba Militantes na ba Militants bakaba bakora uko bashoboye ntibibujije ko ngorane zikiliho. Urugero : ba Militantes na ba Militants badafite ibibatunga bihagije nk'uko Document ya Ministeri ya Plan yohereje kwigwa muli Prefegitura yabyerekanaga, ikibazo cy'amashuli nticyoroshye kuko Komine zakoze uko zishoboye aliko ubukene bwazo ntibutuma zishobora kubaka za CERAI ziteganyijwe.

Ikindi ni uko ba Militantes na ba Militants batali bake batabona aho bakora imilimo ibaha Umushahara w'amafranga, icyo kibazo kandi kizarushaho gukomera mu minsi ya vuba Koperative TRAFIPRO imaze kwimulirwa i Kigali kuko yakoreshaga abantu benshi muli bo hakaba halimo aba Prefegitura ya Gitarama batali bake. Izo n'ingero nabahaga kubera izo ngorane n'izindi ntashoboye kuvuga. Kongre ya Prefegitura yatanze ibyifuzo byayo byatuma izo ngorane zoroha cyangwa zigabanuka mu gihe ibyo byifuzo byaba bibonye ibisubizo. Ibyo byifuzo Kongre isaba ko byateganywa muli Plan ya Gatatu y'Igihugu iharanira amajyambere, byohererejwe Militant Ministre wa Plan. Twizeye ko Leta izakora uko ishoboye ibishobotse bikabona ibisubizo bishimishije.

Komite ya Prefegitura izi neza ko Urwanda rukennye, bikaba bitoroshye ko ibyo byose bibonekera limwe, nicyo gituma mu nama yayo yo kuwa 11 Kanama 1981 yiyemeje kubashyikiliza ibyifuzo byayo ibona ko byihutirwa kurusha ibindi mu bili mu byohererejwe Ministeri ya Plan. Ibyo ni ibi bikulikira :

- <u>Ibyerekeye UBUHINZI</u> :

Komite ya Prefegitura yifuza ko umushinga wo kuzamura amajyambere mu cyaro (Développement rural intégré) watangira muli Prefegitura ya Gitarama kandi ukadufasha cyane muli ibi bikulikira :

.../...

- Kubonera ba Militantes na ba Militants ibyo barya bihagije ali mu bwinshi ali no mu bwiza.
-- Guhinga ingano n'icyayi ku Ndiza mu gihe Minagri yasanga bishoboka.
- Kwagura umushinga w'ubuhinzi bw'umuceri mu kibaya cya Mukunguli, hakaboneka na usine igaragara yo gutunganya uwo muceri.
- Guteza imbere ubuhinzi bwa kijyambere bw'ibijumba n'imyumbati (intensification ettransformation des tubercules).

- UBWOROZI :

Komite ya Prefegitura ilifuza ko muli Gitarama hashyirwa ikigo ntangarugero kigenewe guteza imbere no gukwiza ubworozi bw'amatungo magufi cyane cyane ubw'ingurube. (Centre Pilote de production et de diffusion du Petit Elevage notamment des porcs).

- GUKWIZA AMAZI MEZA :

Ibyifuzo by'uko Leta yadufasha kugira ngo amazi meza akwire mu makomine hose byashyikilijwe inzego zibigenewe. Cyakora rero Komite ya Prefegitura yasanze aha hakulikira aliho hihutirwa :

* Mu mugi wa Gitarama, amazi yawo ni ay'igihe uwo mugi wali utuwe n'abantu bake cyane none ayo mazi ntashobora guhaza abawutuye muli iki gihe bikaba bibabaje kubona Camp militaire itagira amazi, Gereza itagira amazi, Centre de Santé, ikigo cya Murambi gihugulirwamo abantu batali bake, tutaretse n'abandi bose batuye uyu mugi bahura n'iki kibazo cyo kubura amazi.

* Muli Centre ya Ruhango, abahasanzwe ubwabo ntibafite amazi abahagije kandi iyo Centre irakomeza kwiyongera; kutagira amazi meza kandi ahagije bizakurura ingorane nyinshi.

- INGANDA (Industries)

Komite ya Prefegitura imaze gusanga ko mu karere ka Gitarama hera amasaka menshi, irasaba ko hakwigwa ukuntu icyo gihingwa cyavanwamo ibilibwa n'ibinyobwa bya kijyambere (Transformation industrielle du sorgho)./
Komite ya Prefegitura imaze gusanga nanone ko mu karere ka Gitarama haboneka ibumba ryinshi kandi ryiza ry'amatafali n'amategura. (Briqueterie et Tuilerie industrielle).

- AMASHULI :

Komite ya Prefegitura imaze gusanga ko nta shuli na limwe ryisumbuye lili mu karere ka Sous-Prefegitura ya Ndiza, irasaba ko hashyirwaho ishuli Nderabarezi ry'imyuga (Ecole Normale Technique).

.../...

- UBUVUZI :

Komite ya Prefegitura irasaba ko iyagurwa rya Centre de Santé ya Gitarama ryakwihutishwa. Dossier yarakozwe ishyikirizwa Ministeri ya Plan, Komite ya Prefegitura irasaba iyo Ministeri gukora uko ishoboye iyo dossier ikihuta.
Komite ya Prefegitura imaze gusanga akarere ka Sous-Prefegitura Ndiza katagira ibitaro kegereye, irasanga ali ngombwa ko Leta yahubaka ibitaro.

- INFRASTRUCTURE :

Komite ya Prefegitura irasaba ko imishinga ikulikira yashyirwa mu byihutirwa :

* Kubaka ihoteli i Gitarama.
* Gushyira Kabulimbo mu muhanda uturuka imbere ya Camp Militaire ukanyura imbere y'ibiro bishya bya Prefegitura ugakomeza ku mangazini ugahura n'uwa kabulimbo. Uwo muhanda ufite uburebure bwa 1 Km na metero 600 (1.600m).
* Gushyira amatara mu mugi wa Gitarama (Eclairage public).
* Gushyira kabulimbo mu muhanda Gitarama-Ruhengeri.

- TRANSPORT :

Kugira ngo Sous-Prefegitura ya Ndiza ive mu bwigunge, ishobore kugendwa n'imodoka nini zishobora kuyihahira no gutwara abagenzi, Komite ya Prefegitura irasaba ko :
- umuhanda Gitarama-Ndiza-Ndusu wakwagurwa n'amateme agakorwa.
- Mu gihe utaragurwa ngo autobus ishobore kuhanyura, Komite ya Prefegitura irasaba ko haba hashyizweho Minibus iva i Gitarama ikagera kuli S/Prefegitura Ndiza.
  Nanone muli urwo rwego rwa Transport, Komite ya Prefegitura irasaba ko i Gitarama hakubakwa igaraji ya Leta,

Komite ya Prefegitura irasaba kandi ko Bus Gitarama-Ruhengeri yahozeho yasubizwaho kuko byakorohereza abagenzi benshi baboneka muli uwo muhanda.

- UBURYO BWO GUTUMANAHO (Communication)

Kubera ko téléphone zo mu mugi wa Gitarama zapfuye kandi zikenewe, Komite ya Prefegitura irasaba ko izo téléphone zakorwa kuko kuba zidakora bidindiza imilimo.

- URBANISME na BATIMENTS CIVILS :

Komite ya Prefegitura irasanga ibi bikulikira byihutirwa :

- Ko Leta yaha service ya Bâtiments Civils ibikoresho byo gusana amazu ya Leta ntiyangilike.
- Kubakira abakozi ba Leta amacumbi.
- Kwerekana za quartiers z'umugi wa Gitarama na Sous-Prefegitura Ndiza.
- Gukata ibibanza bikulikije za quartiers.
- Gushyira umukozi muli Prefegitura ushobora gukora iyo milimo.

- ADMINISTRATION :

Komite ya Prefegitura irasaba ko itegeko liha za Prefegitura ubuzimagatozi ryakulikizwa, Prefegitura ikagira umutungo wayo kandi ikagira n'abakozi bateganyijwe muli ilyo tegeko kugira ngo imilimo irusheho kugenda neza.

- UMUTUNGO KAMERE :

Komite ya Prefegitura irasanga umushinga wo gucukura amabuye y'agaciro (Exploitation des améthystes) muli Komine Masango ukwiliye gushyigikirwa kuko byakongera umutungo w'Igihugu kandi bigaha abaturage akazi.

- UBUCURUZI :

Komite ya Prefegitura imaze kubona ko Koperative TRAFIPRO igiye kwimuka, irasaba Leta ko yakwiga ukuntu amazu yakoreragamo yagira icyo akorerwamo gifitiye rubanda nyamwinshi akamaro. Urugero nka Rwandex yajya ihagulira kawa kandi ikanahagira amangazini arangulira abacuruzi ibyo icuruza.

- IMIKINO (Sports et Loisirs) :

Komite ya Prefegitura irasaba ko mu mugi wa Gitarama hakubakwa Stade y'imikino ikwiranye n'igihe tugezemo.

Komite ya Prefegitura irasaba ko M.R.N.D. yakwiga ukuntu abagize inzego za M.R.N.D. ku rwego rwa Komine n'urwa Prefegitura igihe bateranye bajya bahabwa ifunguro.
Naho ku rwego rwa Prefegitura kwiga uko igihe buli rwego rwaje mu nama uko rwabona amafranga abafasha kwishyura ingendo ndetse limwe na limwe n'amacumbi bibaye ngombwa.